IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

KA02 1598



## BARAHINYURA AREMEZA KO:

MUGEMANA uhagarariye MRND mu Nteko ishinga amategeko yinjiye mu Nkotanyi mbere y'uko Intambara yo mu kwakira 1990 itangira. Ngira ngo abenshi baibuka ukuntu yirengagije ibyo Perefe wa Perefegitura ya Byumba yamwandikiye abuzira igihugu mbere y'igitero cy'Inyenzi . . .

Nzi ko nkiri mu Nyenzi-Inkotanyi, Faustin TWAGIRAMUNGU uwo yakoranaga na zo. Nanjye ubwanjye, mbere y'uko nsezera muri uwo mutwe w'Inyenzi, nari umwe mubo yandikiraga. . . .

Dr. Alegisi MUDEREVU, uhagarariye umutwe w'Inyenzi-inkotanyi mu Butaliyani ntiwe wangejejeho kuri telefoni icyifuzo cya Andereya KATABARWA cyo kwinjira mu mutwe w'Inyenzi-Inkotanyi, ansaba kubifatira icyemezo. Ubwo hari m'Ukuboza 1990 . .

. Zahise ziahyiraho n'ibinyamakuru byazo «KANGUKA» ya Kajeguhakwa yo iraseruwe, ikaba yarakurikiwe na «RWANDA RUSHYA» ya Kimenyi icya gatatu kikaba «LE TRIBUN DU PEUPLE» kugira ngo zishobore kujijisha imbaga nyamwinshi. . . .

Colonel RENZAHO Perefe wa Kigali wigize akaraha kajyahe noneho yashyikirijwe inkiko.

## PALIPEHUTU NTIYATEYE YARITABAYE KANDI IZOKWAMA NTA NARYO YITABARA.

## HABYARIMANA ABANYENDUGA BATWAYE UBUTEGETSI NTIYABIMENYA. NONE NA BENE WABO BO MURI MDR BATANGIYE KUMUBWIZA AKARI IMURORI.

## INKOTANYI ZIKAZE SI IZO KU RUGAMBA GUSA. IZO ABATEGETSI BAHISHIRA NIZO ZIZADUTSEMBA NABO BADASIGAYE

Bwa kabili mu mateka y'u Rwanda Inkotanyi n'ibyitso byarafunguwe hasigaramo abahutu n'abatindi.

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTEUR ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI
TEL. 40625 — GISENYI
73586 — KIGALI
FAX : 40519 — FAX : 75408
Le contenu des articles engage l'Auteur et l'Editeur
Abonnement annuel : Rwanda : 5.000 FRW
Afrique : 12.000 FRW
Europe — Amérique — Asie : 25.000 FRW

KA02 1599



# UKO ABITWA ABAKIGA BABONA PEREZIDA HABYARIMANA.

Abitwa Abakiga batangiye kubwira Perezida Habyarimana Yuvenali icyo bamutekerezaho. Ngo ibihe biha ibindi. Hambere aha muri 1973, Abatutsi bariruhukije, mbese bashize impumu y'ubwoba bari bafite babumaranye imyaka 14 yose. Ni ukuvuga guhera mu mwaka w'1959, ubwo ingoma yabo yahirikwaga n'ubutegetsi bwa rubanda nyamwinshi, iyi rubanda yari imaze kubona ko ari ngombwa kwigobotora ingoma yari imaze imyaka amagana n'amagana ibakandamiza, ibica urubozo. Ibyabaye si ngombwa kubisubiramo kuko aho ibintu bigeze, n'urubyiruko rutabizi rwarabibariwe.

Muribuka ukuntu Kayibanda yakunze kugaragaza umurava, igitsure n'ubukana bwinshi mu gukumira ivogonyo ry'abatutsi ubu ritugeze ahaminuka. Bateraga hejuru akabacubya, isomo nyaryo akaribaha. Yabasabye imishyikirano, igisubizo bamuhaye ni ukwibera impunzi. Cyakora n'ubwo inyenzi zateye u Rwanda no muri Repubulika ya mbere, ntabwo zigeze zinjira mu butegetsi ngo zimunge politiki y'igihugu nk'uko bimeze muri iki gihe. Muzehe Kayibanda se zari kumuca he ko zamutinyaga buhanya?

Nyamara ariko Habyarimana, Perezida wa Repubulika, we yanze ko imivu y'amaraso ikomeza gutemba. Ubwo noneho ahitamo gufata ubutegetsi yahaye isura yo gusakaza amahoro n'ubumwe mu banyarwanda. Kugira ngo ibyo abigereho, yabonye ari ngombwa gutetesha Abatutsi nk'aho aribwo bwoko bwonyine butuye uru Rwanda. Amashuri arayabaha bariga, ubukungu arabubarekurira, imyanya myiza mu butegetsi ayibagezaho n'umutima mwiza. Ibyo byose bikorwa bibagiwe ukuntu Abatutsi bagize Abahutu nkuko ifundi igira ibivuzo. Uwo mubano w'amoko n'ubumwe hagati yayo bugomba kurangwa n'amahoro, Abahutu batari bake bari bamaze kwizera, nyamara ba nyiri ukubikorerwa barinumira, ku mutima bakabaseka cyane. Mbese berekanye ko babona ubutegetsi, batabubona kuri bo kubabanisha n'Abahutu ni nko gusoroma intagwira. None ubwo atari ugusoroma intagwira, umuntu yasobanura ate ukuntu imigambi yo gutera uru Rwanda yaba yaracuzwe mu gihe bari batoneshejwe na Repubulika ya kabiri ? Abavuga ngo mu Rwanda ari Abahutu, ari Abatutsi ndetse n'Abatwa bose ntawe isasu ry'Inkotanyi rihitamo, birengagiza ikintu kimwe : twitabaje «probabilités» tugafata ku bantu ijana, Abahutu 84, Abatutsi 14 n'umutwa umwe abo bose ukabakoraniriza hamwe warangiza ukabatera mo bombe. Abafite ibyago byo gupfa ari benshi ni bande ? Ni Abahutu. Ubwo niko byifashe muri za Butaro, Muvumba n'ahandi. Kugira ngo ibyo byose bibe, ni uko Perezida Habyarimana yabanje gushyira ku ruhande ibanga MDR-PARMEHUTU yakoreshaga kugira ngo Abatutsi bagaruke mu kuri. Iryo banga ryahaga Abahutu bose bo mu Rwanda morali. None, YOOO ! Ababanje kuba ibyegera bya Perezida Habyarimana babonye politiki ye itanyuze Abahutu bagira igitekerezo cyo kumuhirika. Aba ni Koloneli KANYARENGWE Alexis, Major LIZINDE Théoneste na MUREGO Donati. Abo bantu uko ari batatu, igitekerezo cyabo ni cyakindi, uretse ko abo bashakaga kwica (Abatutsi) aribo basigaye bakorana nabo. Nka Murego yakomeje gushaka guhirika ubutegetsi buriho, noneho abinyujije muri RUKOKOMA. KANYARENGWE we yaratorotse, inzara imukubise akora igikorwa twakwita «icyo imbwa yanze umanika aho ireba». Ntibyumvikana ukuntu Kanyarengwe ari we ugaba ibitero mu RUHENGERI agamije gutsemba bene wabo. Umva ko Abanyaruhengeri bamukunda ! LIZINDE nawe Inkotanyi zaramufunguje none ubu arafatanya nazo. Aka kanya se yiyibagije ko iperereza ry'u Rwanda yari yararigize iryo guhiga Umututsi ? Cyakora ba maneko bagira imikorere yabo bihariye, wasanga akomeza akazi !

## UBWUMVIKANE BWA HABYARIMANA NA BENE WABO.

Ubusanzwe ikibazo kiga-nduga twagikururiwe n'Abatutsi bo bari bazi imigambi yabo yo guca Abahutu mo uduce. Babanje kumvisha Umukiga ko umwanzi we ari Umunyenduga. Umunyenduga nawe bamwemeza ko Umukiga ari ikirura kuri we. Ba bwenge buke ku mpande zombi babishyira mu bikorwa. Inzika ivuka ityo. Hagati ahongaho Perezida Habyarimana akomeza kurera Umututsi nk'umwana w'ikinege. Agatsiko kari kagiye guhirika ubutegetsi mu w'1980 kamaze gutahurwa no gufungwa, byabaye ngombwa ko Perezida Habyarimana ashinga indi kipe imugira inama. Maze si ukumuroha ukagira ngo iri mu irushanwa ! Ubwo baba bamwangishije bene wabo b'Abagoyi (Rwerere, Mutura, Kanama, Nyamyumba na Rubavu). Mbese ubutegetsi hanze aha bita ubw'Abakiga kubushyira mo Abagoyi ni ukubeshya. Umugambi wa Lizinde wonyine watumye Abagoyi bafatwa nk'abarozi. Ibigo byinshi biyoborwa n'abanyaruhengeri, ibindi bihabwa Abashiru, ibindi bihabwa abo NTEZIRYAYO Simewo wari Minisitiri muri Perezidansi yifuza-

KA02 1600

ga. Ubwo Abagoyi bakomeza kuzira ko bakomoka mu karere kamwe na Lizinde, ku buryo nko mu gisirikari umusirikari wasigaye akomeye ari Komanda NZABONIMPA. Nawe kandi akaba ahozwa ku nkeke. Abagoyi rwose barababaye kuko n'abo bamwe bavuga ngo ni bene wabo bakomeye ari abimukira b'Abashiru.

Hagati aho ngaho Abagoyi bemera cyane Nzirorera wahoze ari Minisitiri. Niwe wabwiye Abashiru ko batagomba kwibagirwa Abagoyi. Bagiye kubapfa agasoni babaha MINIPLAN, maze ishingwa Ngirabatware Augustin ukomoka muri Nyamyumba. Nyamara iyo Nzirorera atagarukira ku makomini y'iwabo gusa akareba Ruhengeri yose uko ingana, abavuga ko yazamuye abakiga, we baba bamwirahira mu kuri.

**ICYIZERE CYA HABYARIMANA MURI IBI BIHE BIKOMEYE BYA POLITIKI.**

Abadakunda Habyarimana baramushutse ngo avanishe Nzirorera ku buminisitiri. None ubu mu majyaruguru y'igihugu barababaye cyane. Cyane abazi neza ko yabavuganiraga mu Nama ya Guverinoma no mu Nama y'Igihugu iharanira Amajyambere. Usibye abo, na Perezida Habyarimana azi neza ko Nzirorera yari afite ukuntu yihariye asobanurira amadosiye bagenzi be muri Guverinoma n'ahandi bakamwumva. Igikorwa nka kiriya rero cyo gusezerera Nzirorera muri Guverinoma kirerekana ihungabanwa ry'ikizere cya Perezida Habyarimana muri politike.

Iyo haboneka ikibazo muri Guverinoma, Nzirorera, kubera ko yari amaze igihe kirekire kurusha bagenzi be, yagisobanuraga mu buryo bushimishije Perezida Habyarimana. No mu Badepite niko yabigenzaga. None ubu Minisitiri w'Intebe imyanya myiza «ayicometse» iyo iwabo aho wenda nabo bazamusobanurira akanyurwa nka Habyarimana, dore ko ubu noneho ari we utegeka GUVERINOMA bitakiri ibya Perezida wa Repubulika. Ageretse ho n'akarusho ko gushyira F.P.R. muri Guverinoma, ikaba ihagarariwe na Andereya KATABARWA. Ibyo amashyaka atavuga rumwe n'ubutegetsi cyangwa ibyo ibinyamakuru byita ubutegetsi bw'AKAZU turakeka ko batazongera kuvuga ko ari ubushiru. Ubu AKAZU kimuriwe i Gikongoro. Muri ibi bihe ibyemezo bya politiki birimo bifatwa biratera ab'iwabo wa Perezida Habyarimana kwibaza cyangwa kugira ubwoba.

Abasirikari babona F.P.R. Inkotanyi barwana nayo ishyirwa muri Guverinoma bibatera agahinda. Ibyitso bifungurwa nta mpamvu igaragara bigahindukira bikajujubya abasirikari bibaca intege. Amaherezo akaba ari uko bizamera nko muri TOGO, hanyuma abasirikari bakabaza impamvu Nsanzimana abasuzugura afatanije n'Inkotanyi Katabarwa yazanye «mission» yo gusaba ko ibyitso byavanywe ku kazi byafatwa nk'amata y'abashyitsi kandi intambara byazize itarangira, ngo byo na bene wabyo bishyitse intwaro hasi bigaragareko bishaka gufatanya n'abandi banyarwanda mu kubaka urwatubyaye.

Ngaho ni murebe urwandiko Abakiga bo muri MDR bandikiye Perezida Habyarimana nyuma y'uko Minisitiri w'Intebe Nsanzimana amariye kubakarabya.

RUBERA Papiyasi.

# ABAYOBOKE BA MDR BARABWIRA HABYARIMANA AKARI IMURORE MU RWANDIKO BIYITIRIYE.

*Parti M.D.R.*
*B.P. 2278 KIGALI*
*RWANDA*

*Kigali, tariki ya 28/01/1992.*

*Nyakubahwa Bwana Perezida wa Repubulika,*

*Nyakubahwa Bwana Perezida,*

*Twebwe abaturage ba za Perefegitura Ruhengeri na Byumba twifuje kubagezaho akababaro dufite kubera iyi ntambara tumazemo hafi umwaka n'igice. Iyi ntambara yatuvanye mu byacu, itugira impunzi mu gihugu cyacu. Abacu barapfuye, abandi barashimutwa. Abapfakazi n'impfubyi ntibabarika. Mu bigo by'impunzi kandi turasongwa n'inzara, indyo mbi n'indwara.*

*N'ubwo iyi ntambara yiswe iy'Ukwakira 1990, amasasu aracyavugira hano, muri Mutarama 1992. Nyamara kandi tuzi ubutwari ingabo z'u Rwanda zagize kuko guhera mu Ukwakira 1990 zirinze umupaka w'u Rwanda na Uganda aho umwanzi atera aturutse, buri gihe zikamukubita inshuro zimusubiza iyo avuye. Turemeza ko kugeza ubu twatsinze iyi ntambara mu rwego rwa gisirikari, ariko abasirikari bacu nta bushobozi bafite bwo kubuza Perezida MUSEVENI gukomeza gushyigikira Inkotanyi cyangwa se bwo kubuza Inkotanyi gukomeza guha imyitozo urubyiruko rutaragera no ku myaka cumi, zirutegura kuzaza gutera u Rwanda.*

*Ni ngombwa rero ko ingabo zacu zakunganirwa n'abanyapolitiki babifitiye ubushobozi kuko iyi ntambara itazarangizwa n'amasasu, keretse niba mwizeye ko u Rwanda rwashobora gupfukamisha no kwigarurira Ubuganda mbere y'uko bwo butwigarurira bumaze kudupfukamisha kubera kudufatanya n'ubukene.*

*Iyi ntambara turimo yabanje kuvugwa namwe ubwanyu mu mwaka wa 1984 nk'uko twabisomye muri Kinyamateka n° 1180 yo muri Kamena uwo mwaka, ku rupapuro rwa kane, aho mugira muti: "Birababaje cyane kubona muri izo mpunzi hakiriho udutsiko dukeya tw'abahekenya amenyo ndetse bakaba bagifite umugambi wo kugaba ibitero mu Rwanda bashaka guhungabanya amahoro n'ubumwe duharanira. Iyo migambi yuje ubuhemu n'ubugome abo bagizi ba nabi bibeshya bakeka ko bashobora kuyigeraho baciye inyuma ibihugu byaba-*

*kiriye... Abashaka gutahuka mu gihugu, Leta iributsa ko gutahuka, guturuka kandi bisabwa na buri muntu ku giti cye. Uko byagenda kose rero nta n'umwe ushobora gutahuka ku ngufu".*

*Iyi ntambara turimo, yavuzwe na Perezida MUSEVENI i Butare mu wa 1986 ariko ayihakana, ishingiye ku bibazo bya politiki byakuruwe cyane cyangwa bitashoboye gukemurwa n'abakoraga politiki muri iyi myaka ishize. Nko ku kibazo cy'impunzi, mbere y'intambara ntabwo abanyapolitiki bigeze bahamya uburenganzira bwa buri mpunzi bwo gutahuka mu gihugu cye. Bikaba bigaragara ko mwaje kubwemera kubera ingufu za bamwe muri izo mpunzi bashoje iyi ntambara. Tukemeza rero ko iyo mukora indi politiki, tuba tutari muri iyi ntambara, byibuze yari kugira urundi rwitwazo rutari ikibazo cy'impunzi mutashoboye gukemura. Ikitubabaza ni uko ishyaka rya M.R.N.D. ryari ryihariye urwego rwa politiki y'igihugu risa n'iryagize iyi ntambara intwaro yaryo muri iki gihe cy'amashyaka menshi. Kirabona Inkotanyi mu yandi mashyaka twe duhanganye n'Inkotanyi nyuma. Abayobozi baryo bariharira imishyikirano bagirana na MUSEVENI n'Inkotanyi, ngo imirwano nihagarara bazigambe ko bashoboye guhosha intambara. Nyamara umwaka n'igice urashize iyo mishyikirano ntacyo iragerahо.*

*Muri icyo gihe twe tukababarira. Tukibaza rwose niba mudashishikajwe no kurengera ubutegetsi bwanyu kurusha ubuzima bwacu. Ntitwifuza ko iwanyu i Bushiru bahatera, ariko twe twapfushije ba data, ba mama, abana bacu n'inshuti turatekereza ko akababaro twimwe no mukabona mu banyu, ibintu bitaba bigeza aha. Mwemere ko natwe turi abantu.*

*Abanyarwanda bashishoza barimo Abihaye Imana n'impuguke uretse izibashuka barasaba kudakomeza gutsimbarara ku mategeko abaha uburenganzira bwo kwishyiriraho Minisitiri w'Intebe na Guverinoma mu gihe byashobora kugeza abanyarwanda mu mahoro. Niba Guverinoma ihuriweho n'amashyaka yose ariyo yagira ingufu zihagije zo kugirana imishyikirano na Perezida MUSEVENI n'Inkotanyi, twe twazahajwe n'intambara ntidushobora kumva impamvu iyo Guverinoma itahabwa ngo irengere abanyarwanda. Turibaza impamvu umuntu yakwanga gukoresha amaboko ye yombi igihe bigaragara ko ukuboko kumwe gukeneye inkunga.*

*Turibaza impamvu ibyo abanyarwanda babasabye ari abanyamashyaka, ari Abihaye Imana n'impuguke mubyima amatwi ariko ibyo twagiye twumva ko Inkotanyi zabasabye tukaba tuzi ko byo mwabyemeye.*

*Zabasabye kuvana ubwoko mu Ndangamuntu. Mwatwijeje ko muzabanza kubaza abanyarwanda icyo babitekerezaho, nyuma muza kubyemera Inkotanyi ku buryo tutazi ? None ngo mugiye gushora amafaranga mu macapiro ngo bakore amarangamuntu mashya. Tukibaza impamvu guhindura amarangamuntu byihutirwa kurusha kudushakira amahoro kugira ngo dusubire mu byacu. Ikindi zabasabye ni ugufungura abo mwari mwise ibyitso ku buryo kugeza uyu munsi nta cyitso na kimwe ubutegetsi bwanyu bwashoboye kugaragaza ngo gishyikirizwe Inkiko bitari bya bindi byo guhohotera inzirakarengane ari iza abasivili ari iza abasirikari. Byakumvikana bite ko nta kimenyetso simusiga cyigeze kigaragara n'ubwo mwavugaga ko bihari.*

*None ahubwo muratuma dukeka bene wacu dusangiye akababaro ngo ni uko tudahuje amashyaka. None icyemezo cya mbere cyafashwe na "Guverinoma y'inzibacyuho" ya M.R.N.D. ni ugusubiza ku kazi abo mwari mwarise ibyitso mutemeye ko mwabarenganyije cyangwa se ko ari imbabazi, ibyo bikaba urujijo mu gihugu dushaka ko kigendera ku mategeko.*

*Ko ibyo byose mwabyemereye Inkotanyi harya zo zabemereye iki ? Mbese mwe mwazisabye iki ?*

*Twe twabaye impunzi mu gihugu cyacu, duhangayikishijwe kandi n'umubano mubi uri hagati y'u Rwanda n'ibihugu duhana imbibi. Nyamara nta gihe tutaririmbye "umubano mwiza" hagati y'u Rwanda n'amahanga. Ubundi tuzi ko abategetsi aribo babanira abaturage bayobora.*

*Uretse abategetsi ni uwuhe muturage wagize uruhare mu gushyigikira Perezida MUSEVENI ngo agere ku butegetsi hanyuma akaduteza Inkotanyi ? Uretse politiki mbi ni uwuhe muturage wagize uruhare mu kugira ngo abanyarwanda birukanywe muri Tanzaniya mu gihe u Rwanda rwari ruhanganye n'intambara ? None dore u Burundi burafunga imipaka nyuma bugahiga umunyarwanda aho ari hose mu Burundi, yahungira muri Ambasade y'u Rwanda agasubizwa abamuhiga ? Ntituvuze Zayire dore ko umubano w'u Rwanda n'icyo gihugu aho gushingira ku busabane bw'abaturage b'ibihugu byombi buziritse ku bucuti bwanyu na Perezida MOBUTU wagize impamvu zitamuturutseho zamubujije kudufasha kugirana imishyikirano n'abadutera.*

*Rwose nk'ubu inkotanyi zitwinjiranye abanyarwanda twahungira he, cyane cyane Abahutu dore ko bimwe mu bihugu duhana imbibi bishingiye ubutegetsi ku irondamoko twipakuruye muri revolisiyo ya rubanda yo muri 1959. Iryo rondamoko riragaragarira kandi mu mubano uri hagati y'Inkotanyi n'ibihugu bizitera inkunga.*

*Ku byerekeye kurwana iyi ntambara mu rwego rw'ububanyi n'amahanga (niveau diplomatique) turabona nta kintu kigaragara abaduhagarariye mu mahanga bakoze. Kandi namwe mu nama mwagiranye n'abo bantu mwarabyiyemereye mwamagana ubuswa n'ubushishozi buke bwabo. Nyamara dutangazwa n'uko ntacyo mwavuguruye muri urwo rwego.*

*None nta disikuru muvuga mutabwiye abanyarwanda ko mwifuza amatora. Nyamara amatora muri iki gihugu ntiyigeze abura. Icyo abanyarwanda babuze kandi basaba ni demokarasi. Mbese ni kuki kugeza ubu mutaratangaza ku mugaragaro ko nimutsindwa mu matora mutazakoresha ingufu zo ku wa 5 Nyakanga 1973 ?*

KA02 1602

*Mbese ubu murabona u Rwanda rufite amafaranga ahagije yo kurwana intambara, yo gufasha impunzi, yo guhemba abakozi cyangwa muzagabanya agenewe ibikoresho bimwe na bimwe kugira ngo mubone ayo gushora mu matora ! Aho ntimuzadutungura ku munota wa nyuma mutubwira ko nta mafaranga yo kugura intwaro ahari ?*

*Dore n'ubu ku itariki ya 17 Mutarama 1992 twamenye ko ambasade zacu mu mahanga zitacyishyura amazu zikodesha yo gukoreramo, abakozi b'izo ambasade ntibagihembwa, abana babo ngo bagiye kwirukanwa mu mashuri ku buryo za ambasade zacu hirya no hino bazitanika, ngo bagiye kuzishyira mu nkiko kubera imyenda, ibyo bikaba nta kindi gihe byigeze biba uretse kuri iyi "ngoma" yacu.*

*Mbese ko intambara itatumye abaturage bari mu turere tuberamo imirwano basurwa n'abanyamashyaka, aho ntimwaba mwariyemeje kubazirikira mu ishyaka rimwe rukumbi mu gihe igihugu cyabo kigendera ku mashyaka menshi ? Bazaba abande nibahezwa mu bujiji mu byerekeye politiki ? None se ko tutakigera ku biro bya segiteri zacu tuzatora dute ? Abaturage ba za segiteri Rutovu, Kindoyi, Butandi, Rugendabari, Cyanika, segiteri za komini Kivuye, Muvumba, Kiyombe n'izindi... bazatora nde ? Muzabatoresha mute ?*

*Turibaza cyane ku bwiru bwaranze iyi ntambara tumaze kubona kandi ko yaranzwe n'ibinyoma byinshi.*

*Abasirikari bacu barapfira iki ? Barazira iki ? Dore ko iyo munabonanye na Perezida MUSEVENI ariho bitegura kugwa ku rugamba. Kuki mwabonanye na Perezida MUSEVENI Arusha (Tanzaniya), mwavayo ntimugire ibyo mutangariza abanyarwanda ? Kuki Minisitiri wanyu w'ububanyi n'amahanga yemeye kujya Mbarara (Uganda) atabanje kwizezwa ko nta gitero kizagabwa ariyo, nyuma ingabo za MUSEVENI zigatera i Butaro mu gihe Minisitiri BIZIMUNGU Kasimiri yari i Mbarara ?*

*Kuki intwaro mwemereye abaturage baturiye umupaka mutarazibaha ngo munazibigishe cyane cyane urubyiruko rwo ku mupaka rwarangije gushira ubwoba kandi rushaka kurengera igihugu cyacu ?*

*Kuki mwabeshye abanyarwanda ngo iyi ntambara yarabatunguye kandi kuri 23 nzeri 1990 mwarabonye telegisi (télex) ibivuga yari yoherejwe n'ibiro by'itangazamakuru by'Abafaransa A.F.P. bikorera i Naïrobi. Ntibwakeye kabiri mukifatira indege mujya muri Amerika, bityo mugatatira cya gihango mwari mwaradushyizeho ?*

*Raporo ku miterere ya politiki y'igihugu mwashyikirijwe muri Kamena 1990 na C.I.C. yerekeye politiki ko yababwiraga ko Ubuganda bwatangiye gushotora u Rwanda buhungabanya umutekano w'abo mu Mutara mwakoze iki ? Ko mutateguye igihugu ngo kizashobore kwirwanaho? Amafaranga yaguzwe intwaro tumaze guterwa, yavuye he ? Ayo twageneye ingabo, dutanze imisanzu igere kuri miliyoni 300 yagiye he ? Mbese ko mutagitinyuka gusaba abanyarwanda guhagurukira gusaba indi misanzu yo gushyigikira ingabo, ni uko igihugu cyabonye amafaranga ahagije cyangwa aho si uko imisanzu twageneye ingabo zacu ariyo ikoreshwa mu kwamamaza ishyaka ryawe?*

*Duhangayikishijwe kandi n'ukuntu iyi ntambara mwayigize urwitwazo rwo guhindura abasirikari na ba ofisiye bafite ubushobozi bwo kurengera igihugu abagambanyi. Mwe mufite inshingano z'ibanze zo kurengera igihugu mwabigeraho mute murenganya abarengera igihugu ? Byatangiriye kuri Liyetona Koloneli NKULIYEKUBONA Anselimi, Liyetona Koloneli NDIBWAMI na Major HAVUGINTORE baryojwe urupfu rwa Koloneli MAYUYA S. maze bafagungwa imyaka itatu nyuma bikagaragara ko ari abere. Twizere ko namwe muri abere, Nyakubahwa.*

*Kuki hari ba ofisiye batanu, bize iby'intambara banagaragaje ubutwari ku rugamba, bahohotewe ngo bagambanye bagafungwa, maze bakavanwa mu gisirikari, baburana bagatsinda, nyuma mukabasinyira iteka rya Perezida risesa ukwirukanwa kwabo nyamara hejuru y'ibyo bakaba barahawe imirimo ya gisiviri. Twavuga Major NGIRA Pierre, Komanda BEM HABYARIMANA, Major MUTAMBUKA, na Major SABAKUNZI. Ese imikorere nk'iyo ni iyo kugira ngo u Rwanda rutsinde intambara cyangwa se ni iyo kugira ngo dushire ? Ese abavuga ko ari mwe mufite inyungu igaragara muri iyi ntambara ntibaba bavuga ukuri, bitewe n'uko mwayigize urwitwazo kugira ngo mushobore kwirukana abasirikari na ba ofisiye mu ngabo z'u Rwanda nta makosa bakoze mugaragaje ?*

*Ese ko intambara ishozwa n'abayifitemo inyungu, iyi ntambara yashojwe na nde ? Intambara igitangira mwatubwiye ko inkotanyi zacengeye arizo zaraye zirasa ibigo by'ingabo zacu i Kigali mu ijoro ry'uwa kane rishyira uwa gatanu Ukwakira 1990. Muri iryo joro harashwe amasasu menshi, abanyakigali bahiye ubwoba, abarwaye imitima barapfuye, abagore bakuyemo inda barimo n'uw'umwe mu ba Minisitiri banyu mutari mwabwiye ko ari umukino mwateguye. Igihugu cyahombye byinshi kubera ko umugi wa Kigali wamaze iminsi ine nta murimo uhakorerwa. Ese ibyo bintu bigomba kubazwa nde utari mwe ? Icyo kinyoma mwabeshye abanyarwanda mu gihe abasirikari bacu (mwagize abanyu) bagwa ku rugamba cyagutandukanije nabo.*

*Anketi mwasezeranije abanyaruhengeri ku byerekeye ukuntu ku wa 22 Mutarama 1991 umujyi wa Ruhengeri wafashwe mu bintu by'ubufindo yaheze hehe ?*

*Mu bituma iyi ntambara itarangira turabona harimo ijambo wavugiye mu Mutara mu mpera z'Ugushyingo 1990 muvuga ko "muzahorera abishwe n'Inkotanyi muri iyi ntambara". None ko mudasiba kuvugira kuri radiyo y'igihugu ngo igihe cy'amshyaka menshi si urubuga rwo guhora cyangwa kwihimura, ukuri kwanyu ni ukuhe, ko iyo mvugo yanyu atari ireme ry'icyizere ?*

*Abanyarwanda nibamenye ko nta handi bazabona umukiro atari muri demokarasi yamagana ikinyoma, akarengane no gupfukirana.*

*Ubuswa bw'ubutegetsi bwanyu bwita "Inkotanyi amashyaka bubonana ingufu nibwo budukozeho kuko Inkotanyi nyazo zitwaza ubwo buswa bwagaragaye, zisaba imfashanyo zivuga ko namwe ubwanyu mwemeza ko zishyigikiwe na rubanda nyamwinshi ruri mu mashyaka ya politiki mutishimiye.*

KA02 1603

*Mu magambo make turabona ko ubutegetsi bwanyu bwatweretse kare ko butitaye ku busugire bw'igihugu, ubwo abategetsi bihaga, kuva kera, gukungika na ba Rwigema na Museveni n'abandi bakomoka ku Nyenzi zaduteraga kuva iwashyiraho Repubulika. Ubutegetsi bwanyu bwatweretse kare ko bwikundira kwiyerekana neza gusa aho kwerekana ko bukunda abo bashinzwe, ku buryo abaturage basigaye bava mu byabo kubera intambara, maze ubutegetsi ntibubatabarize. Tumaze kurambirwa iyi ntambara n'ukuntu mwanze kwemera ko nta bushobozi ubutegetsi bwa M.R.N.D. bufite bwo kuyirangiza. Ubwo rero nta muti mufitiye iyi ntambara, nimwemere umuti abanyarwanda benshi babarangira mu gihe baruga bati nimushyireho Guverinoma ayago ihuriweho n'amashyaka menshi kandi hateguruwe n'inama mu rwego rw'igihugu RUKOKOMA. Abanyarwanda benshi baziko iyo amashyaka yandi atavuka akabo kaba kararangiye kubera ubutegetsi burangwa no kurenganya rubanda. Amashyaka nahabwe urubuga yinjire muri Guverinoma yagira inguvu zihagije mu byerekeye gukemura iby'iyi ntambara mu rwego rwa politiki, nk'uko ingabo zacu zayitsinze mu rwego rwa gisirikari.*

*Harakabaho demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi.*

**ABASHYIZE UMUKONO KULI IYI NYANDIKO:**

| | | |
|---|---|---|
| 01. | *NGULINZIRA Boniface* | *Komini BUTARO* |
| 02. | *BICAMUMPAKA Jérome Clément* | *Komini RUHONDO* |
| 03. | *MUREGO Donat* | *Komini CYABINGO* |
| 04. | *BENDA LEMA François* | *Komini CYABINGO* |
| 05. | *NEZEHOSE Athanase* | *Komini RUHONDO* |
| 06. | *BASEBYA Jean Baptiste* | *Komini NKULI* |
| 07. | *SEBASAMBIZI E.* | *Komini NKULI* |
| 08. | *NIKOBAHOZE Anaclet* | *Komini NDUSU* |
| 09. | *KAMBANDA Joseph* | *Komini RUHONDO* |
| 10. | *BIMENYIMANA A.* | *Komini RUHONDO* |
| 11. | *SEMANYWA Bernard* | *Komini CYABINGO* |
| 12. | *BANZIMWABO Pierre* | *Komini CYABINGO* |
| 13. | *NZABAGERAGEZA Aloys* | *Komini CYABINGO* |
| 14. | *RWAMBONERA Evergiste* | *Komini KINYAMI* |
| 15. | *HIGIRO J.M.V.* | *Komini MUKARANGE* |
| 16. | *KALISA Sylvestre* | *Komini KIBARI* |
| 17. | *NTAMAVUKIRO Félicien* | *Komini KIBARI* |
| 18. | *SEBATWARE André* | *Komini CYERU* |
| 19. | *NSENGIYUMVA Gaspard* | *Komini CYERU* |
| 20. | *BAGARAGAZA Thaddée* | *Komini NYAMUGALI* |
| 21. | *RWABUKAMBA Jean Léonard* | *Komini KIDAHO* |
| 22. | *MUNYARUKIKO Jean Damascène* | *Komini NKULI* |
| 23. | *RWAMIGABO Jean Chrisostome* | *Komini NKULI* |
| 24. | *RUGENDO Poponi* | *Komini KINIGI* |
| 25. | *KABERUKA Epimaque* | *Komini KIYOMBE* |
| 26. | *MUSERUKA Faustin* | *Komini NKUMBA* |
| 27. | *MBONANKIRA Alphonse* | *Komini BWISIGE* |
| 28. | *HABYARIMANA Alphonse* | *Komini CYUNGO* |
| 29. | *NSENGIYUMVA Gaspard* | *Komini BUTARO* |
| 30. | *BANGAMWABO Emmanuel* | *Komini KIDAHO* |
| 31. | *KAYINAMURA Grégoire* | *Komini TUMBA* |
| 32. | *MUKANDIMANYI Consolata* | *Komini NKULI* |
| 33. | *NIYONZIMA Pierre* | *Komini NKULI* |
| 34. | *MAKASINGA Eliezer* | *Komini NKULI* |
| 35. | *SERUGENDO Damien* | *Komini KINIGI* |
| 36. | *KATABATWA Elie* | *Komini KINIGI* |
| 37. | *BIZIMANA Evariste* | *Komini KIBALI* |
| 38. | *NKUNDABANGA François* | *Komini GATONDE* |
| 39. | *HARELIMANA Gaspard* | *Komini RUHONDO* |
| 40. | *RWAMPARAGE Pierre* | *Komini KINYAMI* |
| 41. | *NTILIVAMUNDA Jean* | *Komini NYAMUTERA* |
| 42. | *NTAKABURIMVANO Thaddée* | *Komini RUHONDO* |
| 43. | *HARERIMANA Jean Chrisostome* | *Komini NYAKINAMA* |
| 44. | *RUTIKANGA Canisius* | *Komini CYERU* |
| 45. | *KAMPORORO Marie* | *Komini CYERU* |
| 46. | *KANYABUGOYI Ignace* | *Komini KIGOMBE* |
| 47. | *NDAGIJIMANA Epimaque* | *Komini NYARUTOVU* |
| 48. | *NSABUMUGISHA Basile* | *Komini NYARUTOVU* |
| 49. | *BANGAMWABO Stanislas* | *Komini NKULI* |
| 50. | *NZABANKILIHO Thaddée* | *Komini NYAMUGALI* |
| 51. | *NZABALINDA Denis* | *Komini NYAMUTERA* |
| 52. | *RUGWIZANGOGA Théoneste* | *Komini CYERU* |
| 53. | *BENDA Sabin* | *Komini KIDAHO* |
| 54. | *FAYIDA Valens* | *Komini GATONDE* |
| 55. | *KARUHIJE Ignace* | *Komini NDUSU* |
| 56. | *ZIGIRABABILI Joseph* | *Komini NYARUTOVU* |
| 57. | *NSINGIZUMUKIZA Siméon* | *Komini KIBALI* |

*N.B.: Abo bose bababajwe no kuba HABYARIMANA atarabahaye ubutegetsi mbere y'uko NSANZIMANA abumwambura akajyana iwabo mu Nduga. Dutegereje icyo abagore bazabivugaho.*

# GOM YA KABIRI YO YAKWITAHIYE ?

Umutwe w'Abasirikari batagira aho babogamiye bise GOM ngo ugenewe kugenzura abashotorana ku mipaka y'u Rwanda na Uganda, ukaba wari warashyizweho n'inama y'abakuru b'ibihugu yabereye i Gbadolite wageze aho urasezererwa. Impamvu nta yindi ni uko ntacyo wari warashoboye kugera ho. Ubwo umukuru w'igihugu cya Nigeria ari nawe uyobora umuryango w'Ubumwe bw'Afurika yiyemeje gushyiraho undi mutwe utarimo Abarundi, Abaganda ndetse n'abatanzaniya kuko bakekwaga amababa kuba babogamiye ku ruhande rw'umwanzi. Hagiyeho ugizwe na Nigeriya na Zaïre, none bibaye iby'ubusa ntacyo utangaza.

Umukuru w'igihugu cya Kenya abonye ko ibyo ntacyo bitanga, yageragej gusaba ko abakuru b'ibihugu bareba ukuntu bakwigira hamwe ikibazo. We n'uwa Tanzaniya. uw'u Burundi n'uwa Uganda bahuriye muri Uganda mbere y'uko aza kubonana na mugenzi we w'u Rwanda. Avuye ino hahise haza Minisitiri wa Uganda ushinzwe ububanyi n'amahanga tumutambagiza ku mupaka w'ibihugu byacu byombi ngo yirebere ko abadutera baturuka ku butaka bwa Uganda. Ejo bundi Perezida Mwinyi wa Tanzaniya ahuriza Habyarimana na Museveni muri Tanzaniya, abo bagabo bombi biyemeza gukora ibishobotse ngo intambara irangire. Nibwo basezeranye kuzongera guhura mu gihe cy'ukwezi ngo barebe intambwe imaze kugerwaho. Ntihaciye kabiri, Museveni atera mu Ruhengeri muri Komini Butaro... Nguko uko inyeshyamba zizi kubahiriza amasezerano !

Hasigaye kwerura tukarwana ku mugaragaro na Uganda idutera bujura, maze ikibazo kigashyikirizwa umuryango ushinzwe Amahoro ku isi unayobowe n'umunyafurika, kuko nk'uko bigaragara OUA yarananiwe. SIMBIZI Stanislas.

# AMASHYAKA AHAGARALIYE IMBAGA NYAMWINSHI AGOMBA KWUMVIKANA

KA02 1604

Icyifuzo cyo kugendera kuli Politiki ishingiye ku mashyaka menshi nkuko cyali cyavuzwe muli Nyakanga 1990, cyaje gushyirwa mu bikorwa muli Kamena 1991.

Nyuma y'aho Itegeko-Nshinga ilivuguruliwe kandi likemezwa, n'itegeko ligenga amashyaka menshi ligashyirwaho, amashyaka menshi yahise ashingwa mu Rwanda ahita atangira imilimo yayo. Ikibabaje nuko ibyo byose bisa n'ibyatangiriye mu cyuho cy'intambara yashojwe n'inyeshyamba inyenzi ziyuburuye alizo ziyise inkotanyi zifashijwe n'Ubuganda bwa Yoweri Museveni.

Amatwara y'izo nyangarwanda, inyenzi ziyuburuye alizo ziyise inkotanyi ntiyatinze kumenyekana. Ntizigeze zihinduka. Icyo izo nyangarwanda zigamije nta kindi kitali ukugarura ingoma ya Gatutsi-Gashakabuhake, imbaga nyamwinshi yipakuruye muli 1959.

Cyakora uretse ko zikizambya isaso, kandi Yoweri Museveni agikomeza kuzitera inkunga, ubundi inyenzi ziyuburuye alizo ziyise inkotanyi zizi ko intambara y'amasasu zayitsinzwe rugikubita! Zikaba zizi kandi ko zinyujije mu nzira z'itora zidashobora gukoramwo. Kubera izo mhamvu rero, izo nyangarwanda zirakomeza kudondadonda hirya no hino ku mipaka y'u Rwanda zigamije gusenya itora. Hagati aho aliko zikaba zikoresha andi mayeli zizera ko byazazigeza ku migambi yazo! Ubwo zishyiraho amashyaka yazo imbere mu gihugu (PL, PSR) akaba aliyo yamamaza muli iki gihe ibitekerezo byazo kandi yitwaza demokarasi. Zahise zishyiraho n'ibinyamakuru byazo «KANGUKA» ya Kajeguhakwa yo irasanzwe, ikaba yarakulikiwe na «RWANDA RUSHYA»ya Kimenyi, icya gatatu kikitwa «LE TRIBUN DU PEUPLE», kugira ngo zishobore kujijisha imbaga nyamwinshi. Indi ntwaro zikoresha ubu *(Aliko n'ubundi uretse ibinyoma byinshi zakwije mu binyamakuru by'isi yose ngo zizafata u Rwanda mu minsi ine gusa, mu by'ukuli zali zisanzwe zizi ko gufata u Rwanda bitazazorohera)* ishingiye ku byitso zagiye zinjiza mu mashyaka y'imbaga nyamwinshi. Ibyo bikazifasha gu-shyira amacakubili muli ayo ma-shyaka ndetse no kuyateramo umwiryane kugira ngo zizashobore kwiba imbaga nyamwinshi umugono.

Uretse ibisanzwe n'ubundi Gatutsi asanzwe acamo umugani, avuga ko Gahutu nta bwenge agira, kandi ko ngo n'iyo abugize agira buke, ubundi njye ku giti cyanjye sinshobora kwumva ukuntu nka Yohani Mariya Viyane MUGEMANA yaba akili mu nzego zo hejuru mu gihugu ndetse akaba akili Umujyanama mu Nteko Ishinga amategeko (Député National) kandi yitwa ko ali mw'ishyaka rya MRND! Muli rusange abanyarwanda benshi bazi ko uwo MUGEMANA asanzwe ali icyitso cy'inyenzi mu Rwanda. Abenshi ntibabivuga ku mugaragaro ahubwo bihitiramo kugenda babihwihwisa mu tubare no munsi y'ibitanda! Ibyo nzi neza n'uko uwo MUGEMANA uhagaraliye MRND mu Nteko Ishinga amategeko yinjiye mu Nkotanyi mbere y'uko intambara yo mu kwakira 1990 itangira. Ngira ngo abenshi balibuka ukuntu yirengagije ibyo Pereie wa Perefegitura ya Byumba yamwandikiye abulira igihugu mbere y'igitero cy'inyenzi ziyuburuye alizo ziyise inkotanyi.

Nyamara njye iyo myifatire y'uwo mugabo ntiyantangaje kuko muli Nzeli 1990 alibwo nali i Kampala kwa Rwigema nahamenyeye ko bombi bali bafitanye imishyikirano, ku buryo MUGEMANA uwo yali mu bayoboke Rwigema ya cungiragaho mu Rwanda. Nkaba nzi kandi ko, igihe cyose yazaga mu Budage atumwe n'igihugu, yakoraga uko ashoboye kwose agataha abanje kugirana imishyikirano n'uhagaraliye inyenzi ziyuburuye alizo ziyise inkotanyi hano mu Budage, uwitwa Yohani Mariya Viyane MASABO utuye i Karlsruhe mu Budage, dore ko ngo baba banaligeze kwigana kera!

Ibyerekeye umugabo Andereya KATABARWA ubu uli mu bahagaraliye ishyaka rya MRND muli guverinoma, akaba ali Minisitiri w'amaposita no gutumanaho byo byambereye urujijo. Namwe rwose nimwiyumvire: Andereya KATABARWA uwo yabaye inyenzi-inkotanyi ku buryo bugaragara igihe yali intumwa y'igihugu (Amasaderi) cyacu i Roma mu Butaliyani. Dr. Alegisi MUDEREVU, uhagaraliye umutwe w'inyenzi-inkotanyi mu Butaliyani niwe wangejejeho kuli telefoni icyifuzo cya Andereya KATABARWA cyo kwinjira mu mutwe w'inyenzi-inkotanyi, ansaba kubifatira icyemezo. Ubwo hali m'Ukuboza 1990.

Ikindi kandi ntashidikanyaho, nuko Leta y'u Rwanda (Ministeri y'ububanyi n'amahanga) igomba kuba yararabutswe ko hali inzandiko z'inzira (passeports) zabuze muli Ambassade y'u Rwanda i Roma! Izo nzandiko z'inzira zanyanyagijwe mu Nyenzi-Inkotanyi kugira ngo zishobore kwinjira mu Rwanda kwica abaturage nta nkomyi. Nyamara njye w'umuhutu, kubera gusa ko ntumvikana n'ubutegetsi urwandiko rwanjye rw'inzira rwafashwe n'intumwa y'u Rwanda i Bonn mu Budage kuva m'Ugushyingo 1985. *(Ibyo nabyibajijeho cyane igihe nali ngeze ku kibuga cy'indege cya Entebbe (Uganda) ndi kumwe na Alexandre Kimenyi twali twuriiye indege hamwe mu Budage yali ageze avuye i Sacramento ho muli Amerika, mboye uwo Alexandre Kimenyi yerekana mu bimuranga passeport y'u Rwanda naho njye mfite iy'imhunzi! Icyo gihe nibajije ali uwo mugabo ali na njye, imhunzi iyo aliyo!)*

Nyamara bwarakeye ngiye kwumva numva ngo Andereya KATA-

BARWA yagiye guhagaralira u Rwanda muli Yapani cg. se mu Bushinwa! Ngiye kwumva ejo bundi, numva ngo Andereya KATABARWA yabaye Minisitiri muli guverinoma nshya, kandi akaba ali Minisitiri wa MRND! Ibyo ni ibiki? Ninde ushyigikiye Andereya KATABARWA ku buryo ibyo byose biba nk'aho bitabaye?

Ikinkomereye kwumva by'akarusho ntashoboye no kwihanganira ku buryo ngombye kubyandika n'ukubona umugabo Faustini TWAGIRAMUNGU, winjiye mu Nyenzi-Inkotanyi intambara itaratangira akaba ataligeze atangaza ko yaba yarazivuyemo, abalirwa mu bayobozi b'imena ba MDR!

Nzi ko nkili mu Nyenzi-Inkotanyi, Faustini TWAGIRAMUNGU uwo yakoranaga na zo. Nanjye ubwanjye, mbere y'uko nsezera muli uwo mutwe w'Inyenzi, nali umwe mubo yandikiraga. Umugereka wometse kuli iyi nyandiko niwe wawunyoherereje m'Ukwakira 1990 kandi nta bisobanuro ukeneye kugira ngo wumvikane.

Byongeye kandi, F. TWAGIRAMUNGU uwo afatanije na Silas MAJYAMBERE, Valens KAJEGUHAKWA, Asinapoli RWIGARA n'abandi, bakoresheje imbaraga zabo zose baza kubona uburenganzira bwo kwinjiza ibicuruzwa bitazwi (uko bageze kuli ubwo burenganzira simbizi) byazaga mu bisanduku nyamunini by'umutamenwa bitigeraga bifungulirwa kuli gasutamo (containers scellés et plombés) ku buryo byavaga muli MEGERWA i Gikondo bijya mu bipangu byabo. Ubwo ni bumwe mu buryo bwakoreshejwe mu kwinjiza intwaro z'Inyenzi mu gihugu. Zavaga muli ibyo bipangu zikwirakwizwa hose mu Rwanda aho abayoboke b'Inyenzi-Inkotanyi babaga bali. Ahanini zikanyuzwa mu bitwa ko bihaye Imana (Myr. Innocent GASABWOYA akaba yali abifitemwo umwihaliko! Mu bandi hakaba hali umugabo Karoli SHAMUKIGA n'abandi!) Ibyo ni ibiki? Ngizo rero zimwe mu ngero zerekana neza uburyo Inyenzi-Inkotanyi zikoresha ubungubu kugira ngo zizane amacakubili mu mashyaka ahagaraliye imbaga nyamwinshi kandi zijijisha ali nako zibeshya abantu benshi. Bityo zikizera ko zikoresheje ubwo buryo zakwigarulira ubutegetsi zitagombye kunyura mu matora zitinya. Zikaba zihitiramo gusimbuza ayo matora Rukokoma isigaye yarabaye indilimbo muli iki gihe! Nguko uko icyo gitekerezo cyinjijwe mu maliganya mu mashyaka PL, PSD na MDR?

PL yo ibyayo birazwi ni ishyaka ry'Inyenzi-Inkotanyi.

PSD nsanzwe nzi ko politiki yayo ishingiye ku turere, wagira ngo yashyiliweho kurwanya «Abakiga». Ibyo nabyo si byiza aliko iyo byiyongereyeho kuba yaligize igikoresho cy'Inyenzi noneho birazamba bikaba igisoryo! Usanga isa n'izimisha umuliro peteroli! MDR nali nzi ko ali MDR-PARMEHUTU. Aliko nareba ngasanga ibyo ikora ntaho bihuliye na MDR yazanye Repubulika, ikazana ubwigenge bw'u Rwanda, igakura imbaga Nyamwinshi mu migaga ya Gatutsi-Gashakabuhake. Iyo ndebye neza nsanga iyo MDR nshya isa n'iyibagiwe ibigwi by'abaparmehutu, yalibagiwe imvura n'izuba ryo ku Karubanda, inzara n'inyota mu nzira igana i Bujumbura ikaba yalibagiwe ko aho hose hazwi na bake. Keretse rero naba ntarumvise neza icyihishe inyuma ya MDR yavuguruwe! Naho ubundi sinumva ukuntu MDR nyayo, MDR ya KAYIBANDA, MDR ya BICAMUMPAKA, MDR ya BANZI, MDR ya KAYUKU, MDR ya SINDIBONA, MDR ya MAKUZA, MDR ya MBONYUMUTWA, MDR ya GITERA n'izindi ntwali zarwitangiye, yakwifatanya na PL izi neza ko iyo PL itemera Revolusiyo yo muli 59 MDR yarwaniye, n'ibyayikomotseho byose.

Ndibaza niba iyo MDR yavuguruwe itumva imiborogo y'imhinja, abana, abasore n'inkumi, abagabo n'abagore, abakecuru n'abasaza b'abahutu bicwa urw'agashinyaguro, bicwa nk'ibimonyo mu Burundi bahekurwa, bagirwa imfubyi cyangwa se bagirwa abapfakazi buli munsi.

Ndibaza niba iyo MDR yavuguruwe itumva imiborogo y'imhinja, abana, abasore n'inkumi, abagabo n'abagore, abasaza n'abakecuru mu turere tw'u Rwanda duhanye imbibi n'Ubuganda bapfa bishwe n'Inyenzi MDR na PSD zisigaye zisa n'aho zikorera. Ngo ijoro ilibara uwaliraye bavandimwe! Numvise ibyishimo n'ubwuzu Abatutsi bavugana ukuntu bishe abantu umubare uyu n'uyu aha n'aha mu Rwanda, nabonye ibyishimo bavuganye ko bishe Colonel RWENDEYE na Dr. Major NTAMUHANGA n'abandi benshi, numvise ukuntu bavugana ibyishimo kuba barafunze umuhanda unyura mu Buganda ujya mu Rwanda bazi neza ko bicisha abanyarwanda inzara, numvise kandi nabonye ukuntu bishima nk'abana iyo batwitse amakamyo aya n'aya agemuliye u Rwanda! Urumva rero ko ntabura kubabazwa no kwumva MDR ibwira abo babisha ngo «murakaza»! Ku giti cyanjye rero, ndasaba MDR kugaruka mu nzira y'ukuli ikarwanira Repubulika n'ubwigenge yazanye u Rwanda, ikarwanira imbaga nyamwinshi yavanye mu mikaka ya Gatutsi-Gashakabuhake, igashyigikira ingabo z'igihugu yishyiliyeho zikora imilimo yazihaye yo kulinda Repubulika, Ubwigenge na Demokarasi yazanye. Bitabaye ibyo tuzagarura MDR-PARMEHUTU yacu ishingiye kubyo maze kuvuga.

N'iki rero cyakorwa kugira ngo inzira ya demokarasi ikomeze n'ubwo Inyenzi-Inkotanyi n'ibikoresho byazo bitayifuza na gato? Nsabye nkomeje amashyaka ahagaraliye imbaga Nyamwinshi gutekereza neza kuli ubu buryo bwo gusesengura icyo kibazo:

- Hali ukwemera kugwa mu maliganya y'Inyenzi-Inkotanyi ku buryo yazifasha kugera ku butegetsi zinyuze mu nzira ya Rukokoma,
- Hali uburyo bwo kwumvikana kugirango intego ya demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi igerwe ho.

Ku bwanjye nahitamo inzira ya kabili, kuko idatatira imbaga nyamwinshi. Aliko kugirango ibyo bishoboke hagomba gukorwa kandi byihutirwa ibintu bitatu:

1. Guhigira hasi kubura hejuru ibyitso bili mu mashyaka bigamije kurwanya demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi. Byamara kuboneka bigahita bishyirwa hanze bigasanga PL cyangwa se bigashinga ayabyo. Ibyo biraruta, kuko ngo «iryabonetse liba litacyishe isuka»,
2. Amashyaka ahagaraliye imbaga nyamwinshi agomba kwumvikana ku buryo yashyiraho guverinoma y'inzibacyuho ihuliwemo n'amashyaka menshi,
3. Kwumvikana kw'itegeko ligenga amatora ku buryo amataliki y'ayo matora yakwemezwa bidatinze.

Niba rero ibyo byemezo bidafashwe hakili kare kandi vuba, ndatinya ko inyenzi-inkotanyi zizifashisha amakimbirane ali hagati y'amashyaka, zigakomeza gutera amacakubili mu gihugu. Igihe amashyaka azaba agihugiye muli ibyo zikaba nazo zigera ku mugambi wazo mutayobewe!

Ndagira ngo nsoze iyi nyandiko nibutsa umusomyi ko mu by'ukuli, Gahutu na Gatutsi nta kindi bapfa kitali ubutegetsi, kandi Gatutsi ntabwo yigeze ava kw'izima rye ryo gushaka gutegeka ndetse byaba ngombwa agafata ubutegetsi akoresheje ingufu alibyo agerageza muli iki gihe. *(Imitegekere ye kandi, Gahutu yayimenye mu binyejana bine byose yahonyowe nk' ikimonyo, akubitwa iz'inzoka, atagira ijambo n'andi marorerwa menshi)*.

Niba rero nyuma y'i myaka hafi 30 gusa Gahutu amaze yivanye ku ngoyi yumva amaze kunanirwa, akaba abona ko ali ngombwa kandi bitunganye ndetse bikaba byaba «bilimo n'agakiza» ko Gatutsi yasubirana ubutegetsi, niyemere abumuhe ku neza asubire kurwe rwa kera.

Niba kandi adashaka kugaruka ku rwe rwa mbere ya 59, nakenyere arwane kandi arwane atirwanishije, arwane inkundura. Nareke kwibeshya yibwira ko yaba ava inda imwe na Gatutsi kuko uwo Gatutsi we yabihakanye rugikubita! N'ubwo muli iki gihe alibyo yadukanye ashukashukisha imbaga Nyamwinshi. Nyamara kandi nta gihugu na kimwe kw'isi yose, ali mu mateka ya kera cyane (antiquité) ali mu yo mu binyejana byo hagati (moyen-âge) cyangwa se mu bihe bituli hafi (temps modernes) minorité yigeze itegeka majorité muli demokarasi! ■

Shyirambere J. BARAHINYURA
Muli Mutarama 1992
Frankfurt/M. (RFA)

# KIGALI : Abanyaruhengeri bakwiye kwitondera UTUZU

Abanyaruhengeri bakomeye bari muri Kigali barashaka kunigira bene wabo mu igi bishyira hejuru ngo nibo bonyine bamenya akaga kugarije ababyeyi n'abavandimwe babo basigaye imuhira cyane cyane abajahajwe n'intambara bo muri Komini Mukingo — Kinigi — Nkumba — Kidaho — Butaro — Cyeru, bo bavuye mu byabo cyangwa se bakunze gucumbikira abo bagogwe. Muri abo bagaga harimo abategetsi bigize ba ambasaderi b'Abanyaruhengeri bose baba i Kigali bakibumbira mu dutsiko rwihishwa, bene utu dukurikira :

— Agatsiko kiyise ak'abanyabwenge bishyize hamwe ngo bafite ibitekerezo bihanitse byakungura kurusha iby'abandi MRND;

— Agatsiko karengera inyungu z'abanyabutaro gusa;

— Agatsiko k'imvange mu mashyaka n'imirimo k'abiyemeje gutabariza (SOS) abavuye mu byabo bo muri Butaro.

Hari abanyaruhengeri batari bake bibaza byinshi ku ishirwaho ry'utwo TUZU tw'amayobera : utwo dutsiko tujyaho dute; abatugize bitora bate ko turangwa n'ubwironde bukurikije umutungo, imyanya mu butegetsi, inyungu zo kwiyamamaza mu rwego rwa politiki bifashishije ibyago bene wabo bose basangiye bakabeshya ngo ni impuhwe bafitiye rubanda ? Kuri iyi ngoma yadutse, Abanyaruhengeri bose harimo n'abazi kwihakirwa bakwiye kurebera hamwe inyungu z'iwabo, igitekerezo cyiza cyose kivutse kuri umwe muri bo kikagezwa kuri buri wese ku buryo butaziguye, byaba ngombwa hagatangwa itangazo kuri Radiyo Rwanda ritumira bose nta vangura maze ushaka kugishyigikira akagishyigikira ku bushake bwe nta gahato kandi ntihagire uzitwazako hari uwamuheje. Iyo niyo Demokarasi nyayo dukwiye guharanira usibye ko abenshi bamaze kwanduzwa n'ibihe byatumye bitereka ku isonga ry'abandi ntawe uzi uko bigenze kandi mu by'ukuri ataribo wazana haramutse hagize ugutuma Abanyaruhengeri bitaye ku nyungu koko za bene wabo kurusha izabo bwite.

Ibyo BIKOMEREZWA ni bifatire kub'ahandi kandi bitekereze ko noneho twinjiye muri demokarasi, bicare bajye inama koko, bitoremo ntaburiganya ab'abagabo koko bashobora kugira icyo bagezaho abatishoboye atari ukwitwaza ko bigeze kumenyekana biturutse ku mpano z'Ubutegetsi bidaturutse ku bugabo bundi baba barashimweho n'ababatezeho byinshi. Ni mugenze amaguru make, mureke gusiganwa ahubwo murindane dore mu gihe tugezemo imbaraga za buri wese zirakenewe. Uzishimira gusiga abandi yagera imbere akagwa mu gaco k'abanzi ari wenyine se azatabarwa na nde ko azapfa nka nyakamwe kandi asize abavandimwe be inyuma ngo ni ubutwari yabarushije ? Nari umugabo kandi ntihabwa intebe. Ntawe ukwiye kwitwaza ko yaba yaratanze abandi gukomera ngo yibwire ko bizahora bityo, buri munsi havuka intwari kandi nibyo byiza ku muryango ukwiye iri zina. Naho ubundi nimutisubiraho muzumirwa.

HITIMANA Noël.

KA02 1607

# GERIGORI KAYIBANDA AKUBUTSE MU RWANDA

Hashize imyaka 19 Repubulika ya mbere yari iyobowe n'umunyenduga Kayibanda ihiritswe n'uwari Minisitiri n'umugaba w'ingabo we umushiru Habyarimana Yuvenali. Hashize indi myaka 16 uwo Kayibanda yitabye Imana. Maze kubera ko yari umukirisitu w'inyangamugayo wabohoje abahutu ku ngoyi ya gihake-ntutsi na gikoronize-nzungu Nyagasani yahise imujyana mw'ijuru none ubu yicaranye n'abamalayika b'imena muri ubwo Bwami.

Mu minsi ishize rero Bikira Mariya yongoreye Kayibanda ko ubu mu Rwanda hari imivurungutano yerekeranye na politiki y'amagambo n'intambara y'amasasu. Nibwo nawe asabye Imana uruhushya rwo kunyarukirayo ngo yirebere ubwe uko hifashe. Iramwemerera imuha na Malayika wo kumurinda. Indege bajemo yahingukiye bwa mbere mu Burusiya aburayo umutegetsi baganira arikomereza. Icyakora aza kumenya ko bwa bukomunisiti yamaganaga agitegeka butakirangwa muri ako karere kubera Gorbatchev icyitso cy'Amerika. Bwangu na bwangu baba bambutse inyanja y'Abahinde bahingukira muri Afurika y'epfo; abajije uko abirabura bamerewe bamusubiza ko bari mu nzira yo kubohorwa ndetse ko na Mandela yafunguwe akaba yirirwa azenguruka isi.

Kayibanda ageze hejuru y'ikirere cya Zambiya atelefona Kaunda ariko yitabwa n'uwamusimbuye Chiluba nibwo bayoberanye undi arikomereza. Ubwo isari iba iramuzengereje noneho ashaka kujya kuruhukira kwa munywanyi we Nyerere. Ageze aho yamuherukiraga asanga hicaye umuyisilamu Mwinyi, umugatolika wawe ati ubundi abaswahili sinabereje ahita yigendera. Arungurukiye mu kadirishya k'indege abona Yuliyusi aragongorera insina ze, arururuka barasuhuzanya bajya kwiyakira mbere yo gukomeza urugendo.

Akigera hejuru y'u Burundi abashingantahe baba bamuteye imboni, bati ubwo ari umuparimehutu aje kwunganira PALIPEHUTU nibwo bamusabye kubavira mu kirere, akijijinganya isasu ry'umuriro riba ryandurukanye ibaba ry'ibumoso ry'imbere y'indege ye. Wa mumalayika bagendana ahindura ya ndege igisiga maze bazenguruka u Burundi bwose mu ibanga. Bageze hejuru ya Cibitoke babona abantu benshi baracicikana, abafite akabaraga bahungira i Rwanda no muri Zayire. Barabukwa n'abasirikare barebare cyane bari kurasa urufaya uwo bahuye nawe wese utari uwo mu bwoko bwabo bw'abatutsi. Bakebutse mu kibaya cy'i Ngozi bahabona urwobo rubitse imirambo y'abantu 467, bigiyeyo gato barabukwa izindi ntumbi z'abahutu 864 zitari zarenzwaho itaka. Hafi y'i Bujumbura bahura n'amakamyo 60 yuzuye no hejuru abantu bagiye kuraswa na za tingatinga nyinshi ziri gucukura aho bamena uwo mukumbi. Muri gereza ya Mpimbi bahasanga abantu barenga 5.000 bahapakije bagerekeranye. Mu kanya gato iyo mbaga y'abahutu gusa isenderezwamo bya gazi banga kwimarira amasasu. Bagize ngo barajya kubaza muri ambasade y'u Rwanda i Bujumbura babura aho bamenera kubera abasirikare b'abarundi bahagose. Kayibanda ariyumvira ati :
«ak'abahutu b'i Burundi karashobotse mba nanga Revolisiyo, dore aho binangiriye kumva ngo bakore nk'uko twabigenje mu Rwanda mu 1959». Akora ikimenyetso cy'umusaraba arigendera.

Mbere yo gufata iyo mu Rwanda yibuka ko muzehe Mobutu batabanye nabi; abanza kujya kumusura. Ageze i Kinshasa anyarukira mu iduka kugura ipaki y'itabi, bamubwira ko igura amazayire 100.000. Ateze amatwi hirya yumva urusaku rudasanzwe bamusobanurira ko hari inama bise rukokoma imaze amezi n'amezi iteranye ariko yananiwe kugira icyo igeraho. Ntiyabyumva neza ahubwo yigira kwa Mobutu mu rugo; maze agwa mu kantu asanze ubushyuhe uwo muzayiruwa yakanganishaga kera bwarataye ibara; ntiyirirwa amubaza menshi. Acyambuka umupaka w'u Rwanda na Uganda akubitana na cya Katiyusha giturutse mu cyerekezo cya Gisoro. Wa mu malayika amubwira ko ari za nyenzi yasize, zitera u Rwanda kuva ku itariki ya 1 ukwakira 1990 zifashijwe n'umukuru w'igihugu cya Uganda Museveni n'abatutsi bari imbere mu gihugu no hanze. Ya ndege yongera ihinduka akanyoni gakwirakwira impande zose za Uganda. Mbega amarorerwa ! Kayibanda yibaza ukuntu abanyarwanda bakiriho abonye ibitwaro bya rutura n'abasirikare b'abaganda n'ab'izo nyenzi ziyise inkotanyi iryaguye byoherezwa kurimbura akoko mputu. Yababajwe kandi n'uko Ubuganda bwahoze ari isaro ry'Afurika bwazambye none bukaba bunategekwa n'abahima n'impunzi z'abatutsi bo mu Rwanda ibigande bihunikiye. Yaje icyakora kurushaho kubabazwa n'amakimbirane yaba yaravutse hagati ya Habyarimana na Kanyarengwe yari aziho ubutwari bwo guhashya inyenzi yaba yaratumye uwo munyagatonde wo mu Ruhengeri afatanya nazo.

Agiye kugwa i Kanombe asanganirwa n'icyapa cyanditseho ngo : «Aéroport Grégoire Kayibanda» ati murabona bahu; ruriya koko nirwo rwibutso babonye rw'umuntu witangiye igihugu n'abagituye atizigamye kandi ntagisahure nk'uko ab'iki gihe babigenza. Abwira umupilote we kujya kugwa i Kamembe, ahageze naho ahabonera ingorane kuko uri Perefe Ndereya Kagimbangabo yari yashyize amabuye, ingunguru, za bisi, n'inginga z'ibiti mu kibuga ngo hatagira na kajugujugu ihagwa. Arabutswe epfo mu Kivu asanga hakorewe umuganda wo kumenagura amato. Ya ndege ayigwisha ku ruhande azamuka n'amaguru. Akigera kuri sitade Kamarampaka ahasanga abantu barenze 15.000 ngo baje muri mitingi ya MDR akabona n'izo nyuguti zanditse ku myenda no ku ngofero abenshi bambaye. Asa n'ubanza kujijwa gato ariko yibuka ko atari bwo bwa mbere abibonye uretse ko habuzemo PARMEHUTU.

Akireba epfo na ruguru abona umukwe we Twagiramungu arasobanura rya jambo Rukokoma (Conférence Nationale) yumviye muri Zayire; arashikama yicara mu bandi barwanashyaka aryumaho. Fawusitini arangije disikuru ye Kayibanda aramurembuza, undi asa n'ukubiswe n'inkuba ariko aramwegera barahoberana imisaya ku yindi. Uwo bita Rukokoma amusobanurira uburyo bari mu nzira yo gusezerera ubutegetsi bw'uwamukoreye kudeta. Kayibanda abajije impamvu bakuyeho Parmehutu undi yisobanura avuga ko banze induru y'amahanga kandi bakaba barashakaga ko n'abatutsi bumva ko badahejwe mu ishyaka. Ikiganiro cyakomeje kwibanda ku bya politiki no ku makuru yo mu rugo. Twagiramungu amenyesheje sebukwe ko MDR yagiranye amasezerano y'ubufatanye na pariti PL yiganjemo abatutsi umusaza amutera utwatsi. Icyakora yasubije umutima mu gitereko asobanuriwe ko icyo ayo mashyaka ahuriyeho ari Rukokoma gusa no gushaka imbaraga zashobora guhirika ubutegetsi bwa Habyarimana na MRND yahanze; ngo naho porogaramu zindi zo ntaho zihuriye. Kayibanda ariko ntiyashirwa nibwo yongeye ati : «Bana banjye mwitonde mutazavaho mutatira igihango cy'abababimburiye n'icya gahutu yose kuko izo mbaraga mushakira ku nzigo zishobora kubanyura mu myanya y'intoki mukanuye. Umututsi ntiyiyegerezwa, jye muzi neza kubarusha, we imigambi ye ni iyo kumarira ku icumu abahutu bose maze namwe mukamusamarira, imitima irangaye! Ubundi MDR irihagije ntiyagombye rero kwisunga umwanzi wayo ari nawe wa gahutu ngo ni ugushaka kwigwizaho ingufu zishobora ahubwo kubarimburana n'iyonka. Erega muba munatiza MRND umurindi!» Twagiramungu ariyumvira avuga ko azamusubiza ubutaha amaze kubonana n'abo bafatanyije kuyobora ishyaka.

Baratandukana, Masudi afata itagisi yikomereza iya Nyungwe. Mu isaha imwe n'iminota mike aba ageze ku Kitabi ati ubanza ba basirikare baragakoze nubwo ngo imihanda yariwe umusubirizo. Ubwo Ruhuma aba yatangiye kumucishirizaho akaziki k'inanga no kumubwira amazina y'abategetsi bose kuva kuri Minisitiri kugeza ku muserire wo mu cyaro. Ageze i Butare abariza inshuti ye Gitera ariko yenda kwicwa n'agahinda yumvise ko nawe atakiri kuri iyi si. Ashatse kujya kwa Rugira baramubuza kuko atamwakira kubera kuyoboka MRND rya shyaka batajya imbizi. Azamuka Nyanza yose na Ruhango abamumenye bamuha amashyi y'urufaya. Agihinguka i Gitarama asanga umuhungu we Piyo w'umudepite abumbisha amatafari. Ajya mu rugo bamuha ibijumba arenzaho ikigage. Atembereye ku maduka abona abacuruzi bigaragambije banenga imyifatire ya ba rujigo bababurabuza.

Bukeye apimye kujya ku Kibuye gusura abaho bamubwira ko uretse ko n'umuhanda ari mubi- ari nayo ntandaro yo kwijundika MRND kw'abanyagitosho- ngo n'uwitwa Karemera Rukusanya yahaye buruse yo mu mahanga mu 1971 ntiyatuma ahahinguka kuko ubu azira urunuka abitirirwa MDR bose. Yongera aruhuka gato mbere yo guhangana na Kigali. Za bariyeri zo yari amaze kuzimenyera ku buryo iya Nyabarongo itari kumukanga. Ngo hashire iminota mike arenze Nyabugogo aba aritsamuye ngo tse, ngo tse amaso atangira guhuma. Abagenzi bamubwira ko ari ibyotsi abashinzwe umutekano bari kuvuburira mu bayoboke b'amashyaka atavuga rumwe na Guverinoma ya Nsanzimana — wa mugabo bakoranye igihe kirekire none akaba yaranogeye MRND na Habyarimana — bigaragambya. Atumye ikinyamakuru ngo agende yisomera bamuzanira «Urumuri rwa Demokarasi» na «Kangura» arabisoma kandi arabyishimira cyane. Ashatse kujya kureba aho yari acumbitse kera asanga habaye ihoteli irinzwe bikomeye; aho yakoreraga ho ntiyirirwa ahakandagira.

Bugorobye ajya gucumbika i Kanombe k'uwo babanye kuva kera Nkezabera Petero Damiyani, bamuha urwagwa baranamusasira. Bukeye ahamagaza umuhungu wa nyakwigendera Nkezabera Yohani Mariya Viyani bajya mu bya politiki. Amubajije abaparimehutu basigaye mwene Nkezabera amubwira ko bamwe mu b'imena bashimuswe na Habyarimana nka Busunyu, Gumiriza, Nsanzimana, Rugira, Banzi, Sindikubwabo, Bosiko wa Bicamumpaka n'abandi n'abandi. Yongeraho ko abo bose baterwa inkunga n'insoresore zigitsimbaraye ku myanya y'amata n'ubuki zahawe cyangwa ziteguye guhabwa noneho zigakoba ngo MDR izabure amahwemo. Kayibanda amwumvisha nawe ko ikimushishikaje atari inyito cyane y'ishyaka ahubwo icyangombwa ko ari ibikubiye mu mahame-remezo yaryo cyane cyane n'uburyo bishyirwa koko mu bikorwa bigamije mbere na mbere kurengera umutekano n'imibereho myiza ya rubanda nyamwinshi rugizwe ahanini n'abahutu.

Gerigori Kayibanda yaboneyeho umwanya wo kugaragaza impungenge yavanye ku butaka bw'u Rwanda mu 1976 none zikaba zaramukurikiranye ageze no mw'ijuru. Izo mpungenge zigusha ku batutsi bakigambiriye gufata ubutegetsi ku ngufu z'amasasu kugira ngo babone uburyo bica batababarira abahutu bose. Kuko nubwo abahutu yirereye azi ko batazapfa bemeye gufatwa mpiri, uburangare, umururumba no kwicamo ibice bizabatera kwirara maze umwanzi acengera, imbere n'inyuma kugeza ubwo yigaruriye ubutegetsi nk'uko byagendekeye abahinza bo hambere. Ni nayo mpamvu yasabye akomeje abanyarwanda bose bagifite umutima w'ubuhutu (ngo kuko hariho abawuneye) gukomeza kwunga ubumwe nyabwo ndetse bishobotse bakaba bakwibumbira mu mutwe umwe wa politiki bumvikanyeho kugira ngo ubuzima n'inyungu byabo n'iby'abazabakomokaho bidakomeza guhungabanywa n'ibimanuka byahigiye bitazuyaza gutegeka Afurika yose no kuhatsemba andi moko uko yakabaye bihereye kuri afitanye isano na gahutu.

Ndekezi Bonaparte - Gisuma.

Abagize ubwanditsi bwa KANGURA
— NGEZE Hassan
— NYABYENDA Issa
— NDEKEZI Bonaparte
— MIRASANO Céléstin
— RUBERA Papias
— SIMBIZI Stany
— HITIMANA Noël

# KAMINUZA Y'I MBURABUTURO YATAHUWEMO UNDI MUTEGO W'UMWANZI.

KA02 1609

Ubumwe bw'Abatutsi butajyane n'ubumwe bw'Abahutu twazibuka ibitereko twasheshe. Mu ngamba zo kwisubiza ubutegetsi si intambara y'amasasu gusa Abatutsi bateganyije. Bateguye n'ubundi buryo bwinshi bwakoreshwa baramutse baneshejwe ku mbunda, ubwo buryo ndetse bukaba bufite uruhari rukomeye mu gushyigikira iyi ntambara kuko ari nabwo bwakoreshejwe cyane mu kuyitegura no gukomeza kuyegegeza mu gihe cyose Gahutu atarasubizwa mu bucakara.
KANGURA igiye kubushyira ahagaragara kugira ngo higwe ukuntu Abahutu bakwibohoza kuko ubu bamaze kugotwa n'Abatutsi hakoreshejwe ubwo buryo, bitaba ibyo bagapfa uko bagapfuye.

## RYA BANGA RYO KUVUKANA IMBUTO.

Habanje kwigwa uburyo bwo gusinziriza Abahutu mu rwego rw'uburezi rutegura abahanga mu bya politiki, maze abatutsi bakarwiharira, none ibyo babigezeho kera nk'uko bigaragara mu ishami rya Kaminuza y'u Rwanda ryigisha iby'amategeko riri i Mburabuturo mu murwa mukuru w'u Rwanda, Kigali. Bijya gutangira, byari ibanga rikomeye hagati y'Abatutsi bakomeye ari nabo bateguye izo ngamba. Bafashe bamwe muri bo babashyira mu bwarimu mu mashuri yisumbuye no muri Kaminuza kugira ngo babone uko bimiriza imbere bene wabo naho Abahutu babapyinagaze uko bashoboye kose ndetse buhoro babavanamo ku buryo n'abarokoka baba ari mbarwa. Amanota yatangwaga hadakurikijwe ubuhanga bw'abana bo mu mashuri yisumbuye, Abatutsi bagatoneshwa mu gihe Abahutu batsindwa barize neza. Bagera muri Kaminuza ugasanga mu mwaka wa mbere nta muhutu ubonetsemo, cyane cyane mu bakomoka mu majyepfo y'igihugu aho Abatutsi biganje. Byakorwaga kandi n'ubu biracyakorwa n'abarimu b'abatutsi abahutu ntibabyumve na busa ahubwo kubera gucengerwa bikomeye ugasanga abahutu barasa n'ababurizamo bene wabo bagatambutsa abatutsi. Mu barangije muri Kaminuza, amanota menshi agahabwa abatutsi kandi aribo bazacagurwamo abazaza kwigisha abandi. Bigiye guhumira ku mirari Leta yegurira ubuyobozi bwa Kaminuza ububasha bwo gucagura abarimu n'abanyeshuri bayemererwamo, ubwo buyobozi bukaba bwari bwaramaze kugwa mu maboko y'abatutsi aribo :

- Doyen: KALINIJABO Karoli
  Umwungiriza wa Doyen: HAVUGIMANA Déo
- Umunyamabanga:SINDAYIGAYA Pierre Claver

Abo bagabo n'undi umwe ni Abatutsi ku Bahutu batatu gusa bigisha muri KAminuza ku buryo bwa buri gihe. Abo uko ari batatu nibo bacagura abanyeshuri bakwemererwa muri Kaminuza bahereye ku manota bagize mu mashuri yisumbuye nayo yigishwamo ahanini n'abatutsi batanga ayo manota uko bishakiye. Muzatubarize impamvu Bucyana James n'abafasha be b'abahutu bahigitswe ku butegetsi bwa Kaminuza y'i Mburabuturo.
Dore nk'ubu ishuri ryigenga riniganjemo abatutsi niryo riherutse gutanga umubare munini w'abemerewe mu ishami ry'amategeko n'Ubutegetsi muri Kaminuza. Iryo shuri ni APACOPE rya hano i Kigali. Izo nyabutatu kandi nizo zishakisha abaza kwigisha muri iryo shami ku buryo bw'ikiraka, zigafata abatutsi cyangwa abazwiho kwimiriza imbere abatutsi n'abatutsikazi, baturuka mu Rwanda cyangwa mu mahanga. Zinatanga amabwiriza yo gutonesha abo bashaka, uwanze ntazongere kubona icyo kiraka kiba kirimo akayabo k'amafaranga, mwene Gahutu ubwo akahagwa atyo bidasakuje ngo bijye ahagaragara kuko ari ntawe uburana n'umuhamba birumvikana. Amaherezo dore icyo bimaze gutanga dufitiye urugero k'umwaka w'amashuri 1991-1992 :

| Umwaka | wa mbere | wa kabiri |
|---|---|---|
| Abatutsi | 93 | 31 |
| Abahutu | 27 | 14 |
| BOSE | 120 | 45 |

| Umwaka | wa gatatu | wa kane |
|---|---|---|
| Abahutu | 18 | 20 |
| Abatutsi | 8 | 12 |
| Bose | 26 | 32 |

Biragaragara ko mu mwaka wa mbere, abatutsi bakubye abahutu inshuro hafi 3, mu wa kabiri, inshuro zirenga 2, mu wa gatatu naho ni uko, mu wa kane hafi inshuro 2. Ubwo kandi abo ni abigaragaza kuko mu bitwa ko ari abahutu harimo n'abatutsi bahinduye ubwoko cyangwa ibyimanyi. Muri rusange rero hagiye habonekamo umuhutu umwe ku batutsi batatu, abo bakaba aribo bitegura kuzayobora politiki y'igihugu cyacu. Bizagera aho n'uwo muhutu w'umuti azaba atakiboneka mu butegetsi maze abatutsi bakaboneraho kwemeza ko "bavukanye imbuto" yo gutegeka. Nta kundi byagenda !

## BIHURIYE HE N'UBUKOTANYI BWA FPR NA ZA PL ?

Inkotanyi zirakotanira ubutegetsi ngo zigaruze uruhembe rw'umuheto bene Gahutu. Ariko se ko ariya mayeri tubonye haruguru yari ahagije kubera ko uroye yari yatumye bamunga ubutegetsi bw'Abahutu dore ko nta na hamwe Abatutsi batari baraseseye, cyane cyane ahari imari iryoshye cyangwa ahafitanye isano n'umutekano w'igihugu, hari hasigaye iki cyatumye bagomba gushoza intambara y'amasasu ? Igisubizo kiroroshye ari nacyo gituma buri wese yiyumvisha impamvu nyayo iyi ntambara itarangira. Uretse bariya bahutu bafite ubutegetsi bw'agakingirizo ubutegetsi nyabwo bwasubiye kera mu maboko y'abatutsi

KA02 1610

kuko ari bo bagenga ubukungu n'umutekano, ibyemezo byose bifatwa mu rwego rw'igihugu akaba ari bo bonyine biturukaho dore ko wa mugani batayobewe gucengera. Icyo twari dusigaranye ni imbaraga n'ubwinshi bw'abaturage. Ibyo bintu byombi nta kundi bari kubyigarurira hatabayeho intambara iteguranywe ubuhanga buhanitse, harimo no kwifashisha izo mbaraga n'ubwinshi byacu tubakangisha.
Intambara yari igamije gusesa izo mbaraga zishobora kuzabaruka kera kabaye, ni ukuvuga ko byari ngombwa ngo bice abasirikari b'u Rwanda babasimbuze Inyenzi ubwazo.

Ikindi kandi, iyi ntambara yari igamije kugabanya ubwinshi bw'abahutu. Inyenzi zikica zikarimbura n'iyonka y'umuhutu nk'uko zisigaye zibikora mu turere tuberamo imirwano nko muri Komini Butaro na Muvumba maze abahutu ntibongere kwitwaza ko ari benshi kuko n'abasigara baba ari ab'imbuzakurahira, kandi b'injiji.
Kwigarurira ubutegetsi ingabo ari iz'abahutu kandi n'imbaga nyamwinshi ari abahutu ntibyari bihagije. Amayeri aba menshi ayo guhindura abahutu ibyitso by'abatutsi yo arahebuje kuko ahanini ni abahutu ubwabo bagombaga kwirimbura. Ngiyo imvano y'ibyitso nyakuri, abahutu, umututsi akaba atagomba kwitwa icyitso kuko icyitso ari igikoresho cy'undi... Ntabwo NSANZIMANA Sylvestre yibeshye abyita "abere" !. Umugambi rero wo gukoresha intwaro wuzuzaga uwo kwigarurira ubutegetsi baduhenze nk'uko bitegurirwa muri Kaminuza y'i Mburabuturo, abatutsi bagasigara ari nta mpungenge bafite mwene Gahutu yashiriye ku icumu nko mu Burundi uretse ko byananiranye kugeza ubu.

## IBUYE RYAGARAGAYE NTIRIBA RIKISHE ISUKA.

Mu gushaka gukoresha abahutu ngo basubiranemo birimbure ubwabo, abatutsi bashatse ibyitso, aribo Bahutu bakorera abatutsi. Babifashijwemo n'amacakubiri yagiye aranga abahutu, utumvikana n'ubutegetsi buriho cyangwa uwifitiye akanyota k'ifaranga aba awuguyemo. Abatutsi bitabiriye kujya inyuma y'ayo mashyaka kugira ngo babone uko bashuka abahutu batazigera bagera ku bumwe nk'ubw'abatutsi. Abo batutsi kandi bakorana (nako bakoresha) abahutu bafatiye runini bene wabo barwana inkundura. Twatanga urugero kuri bariya bo muri Kaminuza bakomeza kurera ku mudendezo urubyiruko rwabo banarutoza kwica. Ni nde wahaye buruse abitwa ba Kaboyi Jean Baptiste, Habinshuti Pierre Célestin, Louis n'abandi bari bagiye mu Nkotanyi none bakaba baragarutse ? Ni bene wabo bari mu butegetsi.
Kalinijabo uyobora ishami ry'amategeko rya Kaminuza ko yayoboye mémoire y'uwitwa Rurangirwa Pierre Claver warangizaga amashuri akamurebera ibinota impishyi ngo ni uko ibyo yanditse yabituye Rwigema. Rwigara n'abandi kandi intambara y'abo bagabo iri hafi kurota, isi yose ibizi ? Uwo ejo bundi nadategeka azaba yigisha muri Kaminuza.

Ko urubyiruko rwa PL rwiganje mu mashuri y'inzego zose ku mugaragaro ari narwo FPR ivomamo, ni nde ubasagarira ngo abahe amanota mabi y'ubwitonzi ? Si uko bayoborwa n'abatutsi ari nabo baboshya gushoza imyigaragambyo yo guteza imvururu muri rubanda no kwirukana abarimu b'abahutu ? Reka ejo bundi Kaminuza yongere irikoroze ! Hari uyobewe udutsiko biremyemo n'akazi ko kuneka no gushuka abahutu bitangiye ? Aho bigeze rero, mwa Bahutu mwe nimukanguke mumenye ko bene wanyu b'i Burundi batorohewe n'ubutegetsi bw'abatutsi. Mufitanye inzigo n'abo mwarwanye kuva muri 1959 kugeza ubu, mumaze kwibonera ukuntu babazengurutse igisigaye akaba ari ukubanonoza nimugire bwangu mukosore ibikocamye ejo mutazabura ibyara ngo ni ibyago byababgwiririye. Nimukore ku buryo icyizere cy'abatutsi gisubira ibubisi amerwe yabo bakayabusubiza mu isaho. Nta bundi bwenge babarusha kuko kumenya gukopera ari ubundi buhanga.

P.D.R. SIMBIZI S.

## KANGURA NTIKIVUGA RUMWE NA GUVERINOMA.

Kubera ko bigaragara ko hatagiyeho Guverinoma ihuriweho n'amashyaka menshi umutekano mu Rwanda urakomeza kuba muke.
Kangura irasanga nihashira iminsi mirongo itatu iyo Guverinoma idashyizweho, Abanyamakuru ba Kangura nabo bazamagana ku mugaragaro iyo ngirwa Guverinoma. Kuko bitumvikana ukuntu MRND yafatanije na FPR ihagarariwe na KATABARWA na PDC aribo bonyine bakwiharira ubutegetsi. Urabona ngo Inkotanyi zirahagararirwa muri Guverinoma kandi Abasirikari bacu bakicwa urubozo ? Birababaje kandi ntituzabyihanganira.

## IBIHE BIHA IBINDI KOKO.

Mu gihe u Rwanda rwategekwaga n'Ishyaka rimwe [illegible] benshi biyibiraga umutungo wa Leta uko bushatse. KANGURA yiyemeje kuzashyikiriza Minisitiri w'Intebe afatanije na Minisitiri w'Ubutabera Dosiye z'abantu bagiye banyereza umutungo wa Leta, maze turebe ko hari icyo byazatanga.

Dosiye ya mbere tuzaheraho ni iya SINGAYE Andereya bita MAHERA, umugore we MUKAMURENZI, mushiki wa BWASISI Charles, umwe warigishije umutungo w'i Posita, akawuguramo amakamyo. Ubu ayo makamyo abarizwa kwa SINGAYE Andereya. Tuzabagezaho uko yibwe n'uko ayakoresha, uko umugore we yabigiyemo n'uko SINGAYE yayahishe. Tuboneyeho gushima inzego z'i Posita zaduhaye ariya makuru akenewe cyane !

# ABA BA MINISITIRI BAPFUYE IKI N'INYABUBIRI (NSANZ + HABYAR) IMANA SYLVO-JUVENAL.

KA02 1611

Iyi Guverinoma bamwe bita inzibura cyangwa inyongeracyuho ni MRND nsa nsa. Umusirikare ushyigikiye ishyaka akanarikorera ku mugaragaro ntaho ataniye n'umusiviri cyangwa umunyedini bakora bimwe. Naho uwiharangiraga mu ntosho z'amabuye ari muri 305 yogeza ishyaka rimuha umugati ntiyaryamagana ari muri 505 anagenda buri munsi kuri kaburembo (byaryo) na rindi atavuga rumwe n'undi mutwe yitirirwa.
Ubwo se iyo Leta ni inzibacyuho ihuriweho n'amashyaka menshi cyane cyane ayagaragaje ko afite abayoboke bahagije cyangwa ni ihindurwa risanzwe ry'abaminisitiri dore ko ari abasukontaro batagira na kontaro ?

Ibyo aribyo byose kwambura umusirikare mukuru Minisiteri y'ingabo kandi turi mu ntambara ari nta n'irindi kosa bamutaruyeho ntibihwitse. Kuko ugiye ukurikiza induru zose z'amashyaka amwe n'amwe nka PL ikorana n'inkotanyi ingabo zacu zakwamburwa abashumba babishoboye maze umwanzi akatwinjirana dushinyitse kuko aba yamaze no kuducamo ibice.

Nyamara kugeza uyu munsi uwo mugabo yari yagerageje gucunga neza iyo Minisiteri ndetse kurusha izindi nzego yari ashinzwe. Ubwo se uwagiye mu kicaro cye yakubwira n'umubare nyawo wa za gerenade na burende u Rwanda rufite, ababicunga n'aho bihunitse ?

Uriya we se bahurutuye muri CEPGL kugira ngo bamubonjeshe ku buminisitiri yari yabibasabye ? Niba hari n'aho yari ashatse gukama izo aragiye niko bimeze hose kandi si we wa mbere, si nawe wa nyuma. No mubo yiratagaho ntabwo inyabubiri zarimo uretse nyine ko agize uwo abwira ko yamurushije kwiga imibare ataba abeshye cyane. Ndetse iyo agumaho Gisenyi ikagira abaminisitiri batatu nabyo ntacyo byari bitwaye kuko byanahozeho. N'iyo adasimburwa n'ukemangwaho byinshi tutirengagije ariko ko amagambo y'abantu rimwe rimwe yuzuye ikinyoma.

None se ibinyamakuru bikomeje guhabwa urubuga rwo gukuraho bamwe mubagize Leta nk'uko uwari umunywanyi wo kwa shefu byamwihase bikamuharabika bigatinda none bikaba bimuhenuye u Rwanda ruzagira ubutegetsi bungahe ? Na kaburembo bamucirira zageze mu Rwanda ahari atari yavuka. Niba rero abamubanjirije kuzigotomera barakomorewe, we aracyazira iki ? Na Ruhengeri ubusanzwe ntiyabonaga hasi ya batatu !

Barakomorewe ndetse hari n'uga-nje muri Guverinoma, utakibazwa iby'umuhanda Kigali-Gatuna. Katabarwa André, ushinjwa ubukotanyi, yajambije Electogaz, yagotomeye umuhanda Kigali-Gatuna, ariko ngo ni imfura kuri ibyo byose yibereye umwere. Haragire umwandika azabibazwa.

Mu mashyaka menshi ubanza umuntu azajya azira n'urusaku rudafite shinge na rugero. Ninde mukozi utaraguze imirima aho akomoka nkanswe agapande k'igishanga. Hari n'abarangura iyo mu mahanga y'i Burayi n'ahandi. None se nk'uwemeye kuyisubiza abahinzi kuko bakomeza kumukurikirana. Niba na za Minisiteri yayoboye zose zari "MINIMUSASA" nta kundi byari kugenda kuko akazu kataramburwa intebe. Cyangwa se yagombaga kubererekera umunyakigali wari umaze kumurusha gucakira no kugundira ibere; bityo na kaminuza ntikomeze kubura umwarimu w'imibare kandi intiti muri yo zihari.

Uwagoragoje se amadosiye yari yarananiranye ya Minisiteri y'Imari kugeza ubwo za gasutamo n'ibiro by'imisoro byikubise agashyi abakozi bagahembwa n'amenshi mu madeni ya Leta akishyurwa yazize iki ?
Niba za ruswa zitaragabanutse ni uko icyo cyorezo cyamaze gushinga imizi kikarika n'amashami maze aho kukirwanya bwihanukiriye ubutegetsi bukagororera abo gitaruweho kubera akazu, ikimenyane n'ibindi n'ibindi. Aho uwihaye kumusimbura niwe uzabyaza amasarabwayi ibikoroto bya 50 cyangwa amakoma y'insina akibaruka inoti za bitanu ? Ntiyari no kuzira ubunyenduga kuko atari we cyane kimwe n'abanyagitarama bose ubusanzwe binjizwa muri Guverinoma.

Utagira akarere abarizwamo we ashobora no kuba ubuminisitiri atarabushakaga. Ariko sicyo cyatuma asezererwa niba ubukungu butaradabagaye mu gihe cye cyangwa ngo umuguzi arenganyirizwe ku karubanda.

Ariko ubanza ataranakazaga umurego mu kuzenguruka amasalo ya Kiyovu, Kimihurura na Kanombe no kwamamaza ataziguye ishyaka ry'uwamusogongeje ku cyayi kirimo konyaki. Cyereka ahari niba nabwo bari bibeshye mbere hose Butare (niba ariho abarizwa) igomba kugira umuminisitiri umwe gusa.

Umututsi we se bagiraga ngo abigenze ate ? Ko atari ashinzwe ububanyi n'amahanga ngo nibura atubwirire Museveni, inkotanyi n'ibyitso byazo ngo bahagarike intambara. Na minisiteri bamugeneye yamye itera ibibazo akibereye no hanze y'igihugu. Ubundi ni umukozi w'inyangamugayo nubwo hari igihe bitagaragara neza. N'ivuriro bakemanga ko yubakishije mu buryo bwe havanzemo agakabyo, uretse ko nawe atari umwana w'ejo! Ubanza ariko nawe atari akaze mu mashyaka nk'abandi bambari ku buryo bibwiye ahari ko ashobora kurumira habiri cyangwa hatatu maze ntibamushire amakenga. Ariko aranikariye da, kubona asimburwa na babiri bo mu bwoko bumwe.

Ndekezi Bonaparte
Gisuma.

# PALIPEHUTU NTIYATEYE YARITABAYE KANDI IZOKWAMA NA NTARYO YITABARA.

KA02 1612

Kuva mu ijoro rya 23 Munyonyo 1991 abategetsi b'Uburundi niho bavuza induru ngo igihugu catewe n'abo bise abansi b'ubumwe n'amahoro. Abo Leta ya Buyoya yita abansi b'ubumwe si abandi, ni babandi bacugwa bufuni na buhoro ari bo bahutu (85%) n'abatwa (1%) z'abanyagihugu bose b'u Burundi. Abahutu n'abatwa nibo bamye bacinyizwa na ntaryo kuva ku ngoma z'abami kugeza no ku ngoma z'abahima bo bise «Repubulika», abahutu n'abatwa nibo bamye batukwa ngo ni udukoko, abamenja, ibipfamutima, abayobe, abanywarumogi, ababandi n'ibindi umuntu akadondagura. Ico tuzi twese ni uko kw'igenekerezo rya 23 Munyonyo 1991, Perezida Buyoya bwaca abonana n'intumwa za Palipehutu i Paris mu Bufuransa, izo ntumwa zikaba zari zirongowe n'umukuru w'umugambwe Palipehutu, Nyakubahwa Dr. KARATASI Etienne.

Iyo rero umuntu yihweje neza asanga PALIPEHUTU atariyo yateye nk'uko abatutsi bavyemeza abanyagihugu n'amahanga, ahubwo Abapalipehutu baratewe bagerageza kwitabara kandi kuva ubu bazokwama na ntaryo bitabara igihe cose bazoba batewe.

Mu vyukuri rero Palipehutu ntiyashobora gutera kandi ariyo yari yarasavye uwo mubonano na Perezida Buyoya. Aha uca ubona neza ko Palipehutu atari yo yari gusenya uwo mubonano yari irindiranye igishika cinshi. Biribonekeza ahubwo ko Buyoya yari yemeye uriya mubonano ku gahato k'amakungu ariko atifuza ko wobaho, niko guca ategura ikizokwica uwo mubonano agasiga yahuye abasoda b'iwe ngo bazohengere buca umubonano uba bace bahuka babahutu babice bityo Buyoya aba aronse uko yigobotora muri uwo mubonano avuga ko atabonana n'abaraye bamuteye, kandi niko yaciye abigenza.

Ehe rero uko ivyiswe igitero ca Palipehutu vyagenze : abategetsi (abatutsi) bahaye abacangero b'Inyenzi-Inkotanyi, b'abasomaliya, n'abanyetiyopiya, amapikipiki n'inkoho baca bakwira igisagara ca Bujumbura bagenda barasa abahutu bose bahuye, abasoda b'abarundi nabo babaza inyuma babesha ko batabaye ahubwo bagenda bica abahutu bahushijwe na banyamapikipiki. Niko guca basemerera, babesha ngo batewe na Palipehutu. Abasoda b'abatutsi bakimara kugeza kuri Buyoya aho yari ari mu Bufuransa ko umugambi yabasigiye watunganye yaciye atuma ku bapalipehutu uwari yiteguye kumuhuza nabo ngo ababwire ko atakibonanye nabo ngo kuko baraye bamuteye. Intumwa za Palipehutu zaciye zigwa mugahundwe kuko batari bazi yuko abatutsi bakifise wa mutima, wububegito ivyo vyabereye n'indoto.

Ehe ikindi gitangaje : Buyoya atashe avuye mu Bufaransa yaciye i Kigali mu Rwanda abanyamakuru baho bamubajije ibibera hano mu Burundi ivyarivyo, yishuye ko atabizi neza ngo kuko vyabaye atahari ngo azobanza abitohoze neza ageze hano. Ariko yapfuye gushika hano ku kibuga c'indege ivy'iyo ngwano yabidondaguye nk'uwayigwanye canke nk'uwayiteguye nyene. Murumva rero ko ivyabaye vyose vyari k'umugambi wiwe n'abatutsi bose wo guhonya abahutu no kwica uriya mubonano kuko babona neza ko bari kuwutsindigwamo. Nk'uko baca umugani bati : ikinyoma gikubitirwa ahakubuye, kubera ivyo rero Buyoya na UPRONA ntibazebongere ngo umugambwe PALIPEHUTU uvugira munyamatama.

Uruhare rero PALIPEHUTU yagize muri uwo mugambi w'abatutsi ni uko inshigwarimenetse zayo zanse kwongera kwicwa nk'intama nk'uko vyagiye biba ku bahutu muri 65—69—72 na 88 aho bagiye bicwa nk'inda zo mu mutwe. Nta kundi rero vyari kumera, baritabaye. Ivy'uko bagwanye bitabara tubisanga no mu ijambo umushikiranganji w'intwaro yo hagati yashikirije abanyagihugu kw'igenekerezo rya 25 Munyonyo aho avuga ati : «Aho abo bantu baboneye ko basagariwe bakoze ibidakorwa». Ivyo bidakorwa rero abapalipehutu bakoze nivyo umuntu yibaza akabura. Mbega ari Palipehutu, ari Leta y'u Burundi abakoze ibidakorwa ni bande ?

Abishe abana bo mu mashuri y'intango ni bande ? Si abasoda b'abatutsi ? Kw'isi yose tuzi ko iyo igihugu icaricocose gitewe, abasoda baco bagwanya gusa banyene gutera. None ni kuki abasoda b'abatutsi baciye bahuka abanyagihugu bakarasa umuhutu wese bahwanye ? Hari ibidakogwa biruta ivyo ? Ubu uwotohoza neza hari ibohero yasangamwo abahutu bose tubona canke twumva bazimiye, canke yobasanga mu binogo rusange abatutsi baciye baba zikagiramwo.

Palipehutu rero ntiyateye yitabaye bayiteye, kandi na ntaryo izokwama yitabara inagwanira agateka ka muntu uwariwe wese. Abatutsi bagomba kuzirikana uwo mugambi ngo «Ukubita kenshi umuntu ukamumara ubwoba». Ivyakera rero sivyo vy'ubu. Ahandi mu bindi bihugu abanyagihugu babo bose barekuriwe kumenya no gukoresha inkoho, kandi umuntu wese agaca mu ishure rya gisirikari, nayo ngaha iwacu umututsi niwe utegerezwa kwiga inkoho wenyine.

Perezida Buyoya yigeze kuvuga ngo ntiyoshira abahutu mu gisoda ngo kuko bagiyemwo babangamira amahoro y'abatutsi. Mbega Perezida abo batutsi bo ko ari bo bonyine mu gisoda c'u Burundi kandi tuzi twese ko Uburundi bugizwe n'abahutu, abatutsi n'abatwa, none ubwo bwoko bumwe gusa bwiziziye igisoda ngaha iwacu bwo ntibubangamiye ayandi moko ? Nyakubahwa Perezida w'U Burundi, nimba uri umukuru w'abanyagihugu bose n'ureke twese tuje mu gisoda c'igihugu cacu, twese turagikunda kandi caratwibarutse twese, nta mwana n'igitorwa. Abasoda b'abatutsi na-

twe baratubangamiye. Ni mureke twese tuje mu gisoda c'igihugu cacu twese, niwanka naho kandi nico kimwe tuzoziga kandi tuzozimenya.

Twese tumaze kumenya ko nta ciza umututsi yakorera umuhutu. Birazwi na ntaryo ko umututsi arakuriwe kwica icitwa umuhutu n'umutwa. Mukuru w'u Burundi, abahutu twongeye kugusaba ubu n'ubu, abahutu bakaba 85%, abatutsi bakaba 14% n'abatwa bakaba 1% nk'uko ibitigiri vy'ayo moko ariko bingana mu gihugu.
Biteye isoni cane kubona igihugu cacu gisigaye carabaye ihuriro ry'abagande, abanyetiyopiya n'abanyasomaliya, n'inyenzi zo mu Rwanda, mbega abo bantu maze kuvuga baje kugira gute ? Mu kuzana abo bacangero mu gihugu cacu, abatutsi berekanye noneho abo bonse rimwe abo ari bo. Uwutabizi kandi n'abimenyereho, nta kindi bahamagariwe atari ukuza gufasha Buyoya, abo bagande (Inyenzi-Nkotanyi), abanyesomaliya n'abanyetiyopiya bakwiye gusubira iwabo mu maguru masha.

Niba naho abo bacangero batatuviriye mu gihugu, abahutu n'abatwa tuvuye hasi rimwe tugwanire igihugu cacu. Birababaje kubona abatutsi bahamagarana ngo baze gufashanya guhomya abahutu n'abatwa b'i Burundi. Bahutu namwe Batwa b'isi yose murabe maso ! Ni mwaba mukunda abana banyu nimureke abanyagihugu bafatire ubutegetsi muri demokarasi Batutsi namwe rero niba mushaka kuguma muri Afurika yo hagati, niba mushaka kubana n'abahutu n'abatwa mu Burundi, nimusubize abo bacangero iwabo, mwemere dusabikanye ivyiza vyose vy'igihugu cacu ntimubandanye kwikubira ko mwenyene muturya mutwicayeko.

Kuko ntivyumvikana ingene mugize 14% vy'abanyagihugu bose akaba ari mwebwe mwigundirako vyose. Mbe batutsi mwe, umuntu afise nk'abagore babiri bose akunda, mukabasumira ntiyokurikiza igitigiri n'abana umugore wese agaburira ? Mbega ntakarenganyo yaba akoresheje afashe umugore afise abana bake akaba ariwe asumira vyindu hanyuma uwufise abana benshi akabasumira inticantikize ? Erega nayo yocamwo kubiri ivyo asumye yoba nanone arenganije wa mugore agaburira benshi. Ikindi giteye isoni ni ukubona abasenyeri bacu, bo mw'idini katolika twese twemera bashigikiye intwaro nk'iyo y'ubugunge n'ubwicanyi. Aho babaye abantu bavugira abarenganywa hanyuma bakabumvikanisha n'abarenganya kugira ngo babe bamwe nk'uko Yezu Kristu yabwiye ubutumwa ab'iwe ngo baze babe umwe nk'uko we na se bari umwe. Abasenyeri bacu na Leta yacu, bari bakwiye kurabira ku bindi bihugu ubururero bwiza bw'intwaro rusange, bakabandanya imibonano n'abafise ivyiyumviro biteye kubiri n'ivyintwaro iriho ubu kugira ngo u Burundi bwatu butahwemo n'amahoro nyakuri, avuye mu mwumvikano wa bose. Ubururero ni bwinshi siniriwe ndabudondagura, keretse uwudashaka kubana n'abandi mu mahoro no mu mwumvikano. Umugabo rero ni uwokwisubirako n'ay'ahandiho...

Mbega Buyoya azohenda abanyagihugu n'amakungu gushika ryari ? Ariko abatutsi barahevye barananiranye. Ehe Micombero, Bagaza na Buyoya berekanye umutima w'ubwicanyi n'ubuyobe, ugiye kuba wa mugani ngo : «Bose ni umwungu wa rwa ruyuzi». Abarundi, eka mbere n'amakungu, turabaza tukabura uwo twishura k'ubugene Buyoya avuga ko agiye kuzana intwaro rusangi nyakuri mu gihugu akabanza kumara abahutu n'abatwa.

Ko Perezida wacu Buyoya yama avuga ko agiye kubaka igihugu cacu, yakubaka igihugu gute ku mivo y'amaraso y'abanyagihugu (abahutu n'abatwa). Kandi aho wosanga Buyoya ariko arica abanyagihugu yihenda ngo ariko aratsimbataza intwaro rusangi mu gihugu, yamara yomenya ko igihugu ari abakibamwo, ko igihugu ari abantu, ko igihugu atari amatongo gusa. Nyamara Buyoya arihenda kushira mumigambi kuzonezereza abatutsi ngo nuko agondaguye imiliyoni zitatu za Bahutu yababwiye kwibuka wa mugani wikirundi bavuga bati : agati kateretswe n'Imana ntigahevugwa n'umuyaga. Bahutu namwe Batwa, murame mugavye, kandi mwame na ntaryo mwibuka iragi ry'umuhisi wacu Gahutu Remi yavuze ati : «Murame murwanira ubutungane, amahoro n'iterambere ry'abanyagihugu bose, kandi muze mwame muzirikana ko akari mu menyo y'imbwa gakuzwamwo ubuhiri». Birenge rero, ni wewe ubarigwa !

Umusomyi wa Kangura
i Bujumbura
Kamwenubusa M.

## ITANGAZO.

IBIRO NTARAMAKURU BYIGENGA GISENYI–INFORMATION biramenyesha abasomyi ba KANGURA ko nimero nshya yasohotse ikaba ibarizwa ku Gisenyi – Mahoko – Kora – Mukamira – Ruhengeri – Gakenke – Vunga – Kabaya – Ngororero – Nyirangarama – Kigali – Kabuga – Gitarama – Nyanza – Butare – Gikongoro – Cyangugu – Bugarama – Kirambo – Byumba – Kibungo – Nyagatare no ku Kibuye.

Musome, musomeshe KANGURA, ikinyamakuru cyigenga.

## BIMENYE NABYO

Ukimara gusoma iyi KANGURA hita ubariza aho usanzwe uzigurira KANGURA MAGAZINE VERSION INTERNATIONALE N°6 kuko harimo amakuru ahuye n'ibihe turimo. Niba kandi ariyo ufite mu ntoki zawe, basabe KANGURA N°31. Tuboneyeho ko buri gihe hazajya hasohoka KANGURA ebyiri: iyanditse mu Kinyarwanda ku bumva urwo rurimi, n'izajya yandikwa mu Gifaransa no mu zindi ndimi kugira ngo abumva izo ndimi babashe kumenya ibibera mu Rwanda no mu Burundi ndetse na Zayire. Ngaho rero nimusabe KANGURA zanyu. Igiciro ni cya kindi: 100 FRW.

KA02 1614

# MBEGA AMACENGA Y'INKOTANYI.

Journal Kangura
C/0 Gisenyi Information
B.P. 1312 Kigali.

Kigali, le 27/01/1992

Bwana Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
Dogiteri Bizimungu Kazimiri
Kigali.

Impamvu : Kwerekana amacenga Inkotanyi zadukoreye kuva iyi ntambara yatangira.

Bwana Minisitiri,

Twebwe abanditsi ba Kangura, tumaze kubona ko abashinzwe politiki mu Nkotanyi banga bagakwiza ya ngeso yabo yo kubeshya no kutava ku izima, twagira ngo tubamenyeshe mu rwandiko ukuntu izo mburagasani zagiye zidukoresha amakosa muri politiki, ahanini agakorwa na Minisiteri mubereye Umuyobozi.

— Ubu muribuka ukuntu intumwa za Minisiteri muhagarariye zagiye gusinyana n'imihirimbiri bikageza n'aho izo ngegera z'inkotanyi ngo ziri ku butaka bwacu nk'uko bibonwa n'abazi gusesengura ibya politiki.

- Muribuka ko u Rwanda rwashumuriwe umutwe w'ingabo ngo zitagira aho zibogamiye, wiswe GOM, ukaza kuneka uko ingabo z'u Rwanda zihagaze ku rugamba none ukaba wibonera ko ibitero by'inyenzi byarushijeho kwibera urudaca.

— Ikindi ni uko abanyarwanda twese twababajwe n'uruzinduko rwa Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Uganda, Paul Semwogerere, aherutse kugirira mu Rwanda maze mukajya kumwiyerekera ubwanyu ibirindiro by'ingabo zacu ku rugamba.

— Muribuka ukuntu abakozi bo muri Ambasade yacu i Bujumbura bicishije Abahutu bacu b'abanyarwanda bari bababungiyeho. Iryo ryo ni ikosa riremereye cyane rwose ndetse ryagombaga gutuma abafashe icyo cyemezo begura, maze na Leta igaha indishyi y'akababaro imiryango y'abo bantu baroshye mu menyo ya rubamba. Abo bakozi turasaba ko bazashyikirizwa ubucamanza. Mu kinyarwanda ko ntawe inyamaswa ihungiraho ngo ayirukane nkanswe twebwe twatanze abantu bacu ngo bacibwe umutwe kandi bari bageze iwabo.

— Mwasobanura mute ukuntu Ambasade y'U Burundi mu Rwanda yagiye icikisha abanyarwanda b'Inkotanyi ibajyana iwabo mu Burundi mubatutsi bene wabo maze u Rwanda rukinumira kandi rubibona. Ubwo se hari ubugambanyi bw'abategetsi bacu cyane cyane abo muri Minisiteri mushinzwe burenze ubwo. Icyo gihe mwarabyihoreye none abacu mwemeye ko bicwa urw'agashinyaguro.

— Kugeza uyu munsi kandi abahutu bo ku isi yose bababajwe n'amagambo mwavugiye i Ngozi mu Burundi mwemeza ko mufite ibimenyetso simusiga by'uko KANGURA ari Inkotanyi. Tukaba twibaza niba atarimwe mwari mwaguye mu mutego w'uwo mwanzi cyane cyane nk'igihe mwihaga gufunga NGEZE Hassan, Umuyobozi w'Ikinyamakuru kivugira rubanda nyamwinshi ngo ni uko yatunze agatoki Inkotanyi z'i Burundi.

— Akandi gahomamunwa : ngo mu masezerano yabereye i Mbandaka muri Zaïre ku itariki ya 4 Mutarama 1992 yahuje Buyoya, Habyarimana na Mobutu bemeje ko hazashyirwaho umutwe ushinzwe kugenzura umutekano ku mipaka yacu. Ngo uwo mutwe uzaba ugizwe n'abasirikari b'abatutsi bakomoka mu Burundi bazongera kwoherezwa kuneka mu Rwanda no muri Kivu. None se ko tuzi ibyo GOM yadukoreye twongere koko twemere ko u Burundi buhora butuvogerera ikirere nta ruhushya, bukoresheje indege zitwawe n'abasirikari babwo, bukaba bunashinjwa gutoza Inkotanyi ziturwanya butwohereza, abandi basirikari b'abatutsi bo gutata imipaka yacu ni abiki ? Ndetse ngo no muri ayo masezerano hemejwe ko muzabuza KANGURA kwongera kwandika ku Burundi.
Twebwe icyakora aho turabiyamye hakiri kare kuko twe n'imbaga y'abanyarwanda tutazihanganira na busa guceceka, abahutu aho bari hose bapfa urw'agashinyaguro, n'itegeko rigenga itangazamakuru mu Rwanda ntiribitubuza.

Uwaba abifitemo uruhari wese ibyiza ni uko yashinga ikinyamakuru cye cyo kurengera u Burundi bwa Gatutsi bugiye gutsemba icyitwa umuhutu wese. Cyangwa abwire ibinyamakuru byo mu Burundi nabyo byandike ku Rwanda ibyo bishaka byose nk'uko Inkotanyi ziteguye kubifasha, zo zabizobereyemo.

— Leta na Minisiteri mushinzwe mwatanga ibihe bisobanuro by'ukuntu Abakuru b'Ibihugu by'u Rwanda na Uganda bahurira i Mwanza ku butumire bwa Perezida Mwinyi wa Tanzaniya bakagira imishyikirano maze nyuma y'amasaha ane gusa Inkotanyi n'ingabo za NRA za Museveni zigatera mu Birunga. Nta n'ubwo iby'iyo mishyikirano byigeze bimenyeshwa abaturage.

NGEZE Hassàni.

## ITANGAZO.

**Ubwanditsi bwa KANGURA burasaba Abahutu bose bo ku isi kunganira Ikinyamakuru cyabo bayohereza ibitekerezo byabo kuri adresse basanzwe bazi (Journal KANGURA B.P. 1312 Kigali — Rwanda) cyangwa kuri FAX No 0025075408.**

KA02 1615

# KAREMERA ATI «AMAFARANGA ASUMBA AMATEGEKO»

Ikibazo cya SGP twagisobanuye bihagije mu numero ziheruka za KANGURA. Muri izo nimero twababwiye ukuntu KAREMERA yavomye umutungo wa SGP mu nda ye, undi akawusahurira mu mahanga. Uduke twari twasigaye abanyamuryango HABARUSHAKA na BIREKERAHO bahagurukiye kuturengera ngo sakabaka Karemera natwo atatugurukana. Abo bagabo nyamara ntiborohewe kuko ku ruhande rumwe Karemera, akoresheje amafaranga yibye akomeje kwigira indakoreka; ku rundi ruhande narwo inzego zimwe z'ubucamanza bwacu zikomeje kwerekana ko amategeko ashobora gukurikizwa kuri bamwe abandi bakayagenda hejuru. Dore uho ibintu bigeze:

1°. Ku itariki ya 29/11/1991 niho abisabwe na HABARUSHAKA na BIREKERAHO, Perezida w'Urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali yafashe icyemezo cyo gihirika Karemera ku buyobozi bukuru bwa SGP akamusimbuza by'agateganyo intumwa y'urukiko (administrateur judiciaire) yo kuba icunga ibya SGP, bityo Karemera ntakomeze kubinyereza mu gihe urubanza nyarwo rurebana n'ibyo yibye muri SGP rutaracibwa.

Cyakora bene kurega aribo HABARUSHAKA na BIREKERAHO ntibashimishijwe ku ngingo zose n'icyo cyemezo kuko kitakagaga intumwa y'urukiko (administrateur judiciaire) ububasha busesuye bwo gucunga SGP, ahubwo iyo ntumwa ikaba yaragombaga gukorera mu kwaha kwa Karemera. Ntacyo rero byari guhindura ku micungire ya Karemera banengaga. Byaje gutuma bajurira uretse ko na Karemera yari yajuriye.

2°.Urukiko rw'ubujurire bwa Kigali, ku tariki ya 6/1/1991 rwaje kwiherera maze rwerekana ko rusobanukiwe n'amategeko kurusha urwa mbere rw'iremezo. Urwo rukiko rw'ubujurire rwategetse ko Karemera aba asohotse by'agateganyo mu buyobozi bwa SGP maze intumwa yarwo (administrateur judiciaire) ikaba ariyo ikora imirimo ya Karemera kandi ikagira ububasha bwose busesuye bwo gufata ibyemezo byose bifitiye SGP akamaro. Icyo cyemezo aho gisohokeye umuhesha w'urukiko rw'ubujurire aherekejwe n'abajandarume bagiye mu kigo cya SGP i Gikondo kugira ngo barangize urubanza maze habeho n'ihererekanya bubasha hagati ya Karemera n'intumwa y'urukiko. Ku munsi wa mbere, Karemera yigize ibamba maze yanga gutanga imfunguzo. Icyaje gutangaza abantu rero kurushaho ni ukuntu Madame Vice Président w'urukiko rw'ubujurire rwa Kigali yaje guhagarika nta mpamvu irangiza rubanza. Iyo urebye usanga nta kindi yari agamije uretse gutandamira no gutinza irangizwa ry'urwo rubanza. Umuntu rero yakwibaza niba uwo mutegarugori nta banga afitanye na Karemera. None se nawe icyemezo cy'urukiko ko gihagarikwa n'ikindi, uwo mugore yatewe n'iki kwitambika mu kazi k'umuhesha w'urukiko. Nareke gusuzugura ubucamanza ngo ararwana ku nyungu za Karemera wenda kwiyambukira amazi.

3°.Ku itariki ya 7/1/1992, Karemera n'amashumi ye bashikirijwe urusesa imanza imyanzuro yabo bavuga ko icyemezo cyo guhagarika Karemera kibabangamiye. Ejo bundi rero twagiye kubona tubona KAVARUGANDA asohoye itegeko rihagarika irangiza rubanza. Amakuru akomeza kutugeraho aremeza ko Karemera yaba yaremeje Cour de Cassation ko kumuhagarika ku buyobozi bwa SGP byazatuma lisansi ibura mu gihugu. Namwe nimunyumvire; bene gushinga SGP se bareke Karemera sosiyete ayicire mu nda ngo ejo lisansi itabura. Ese yabura ite? Karemera se niwe wenyine ufite ububasha bwo gutumiza lisansi mu mahanga? Iki kinyoma se murabona hari aho gitandukaniye na cya kindi cy'abatutsi babeshyaga ngo umwami avuye mu Rwanda nta mvura yazongera kugwa ngo nta mwaka n'umwe ushobora kuzera! Ubundi dusanzwe tuzi ko urukiko rusesa imanza rureba gusa niba hari itegeko ryishwe mu mikirize y'imanza.

Ubwo tukaba twizera ko KAVARUGANDA wakomeje gutoza abanyarwanda gukunda ukuri no kubemeza ko ntawe usumba itegeko azima amatwi abambari ba Karemera dore ko abafite mu nzego zose, ari mu gisirikari, ari mu butegetsi hose barahagurutse. Twemere se koko Karemera icyo ashatse mu Rwanda gikorwe nk'uko agenda abiririmba. Byaba bibabaje.

Dore ejobundi yagize atya akoranya abafite amakamyo avanira SGP lisansi mu mahanga ati: ese muzi ko Habarushaka na Birekeraho bashoye imanza ngo nirukanwe ku buyobozi bwa SGP kugira ngo amakamyo yanyu atazongera kubona ikiraka muri SGP ? (Harimo abasirikari bakuru n'abategetsi bo mu nzego zo hejuru n'abacuruzi bakomeye). Mwiyumvire namwe ukuntu Karemera ari umutekamutwe w'igitangaza, ubu abafite amakamyo yatwariraga SGP lisansi bamereye nabi bariya bagabo Habarushaka na Birekeraho. Twizere ko bazatahura ariya matakirangoyi ya Karemera hadashize kabiri.

Si ibyo gusa, yongeye gukoranya abakozi ba SGP, dore ko hafi bose bagurijwe amafaranga na Sosiyete arababwira ngo Habarushaka Claudien na Birekeraho Gervais ibyaha bamurega ngo ni uko yanze kwishyuza ku ngufu inguzanyo abo bakozi bafitiye SGP. Nawe unyumvire itekamutwe rya Karemera. Ubwo abakozi bahereye ko bandika ku bipankariti ngo uwo dushaka ni Karemera nta wundi. Gusa twaje kubaza abakozi badusobanurira ko nabo bamaze gusobanukirwa; kuko ngo Karemera mbere yari yarabemeje ko SGP ari iye wenyine. Ariyibagiza inguzanyo z'amabanki zikabakaba 500.000.000 Frws kandi izo zose bakaba barazisinyiye bose (caution solidaire) ndetse bamwe bagatanga amazu yabo. Abo ni Habarushaka Claudien na Ryezembere Fulgence.

Dore yatangiye no gukwiza hose iterabwoba ngo afite miliyari nyinshi ngo abacamanza bazaruca uko atabishaka ngo bose azabirukanisha abandi ngo abagire aka KIMONYO.

Ariko dukomeje kwizera ubutabera cyane cyane uriya mugabo w'URUSESIMANZA wakomeje kwanga icyitwa ubutiriganya mu rukiko abereye umuyobozi.

KANGURA.

# PADIRI FURAHA YUSITINI ARAKOTANIRA IKI ?

KA02 1616

Mu nimero iherutse twabagejejeho ko umubikira MUKABACONDO Thérèse wayoboraga ishuri ry'Indimi ry'i Kibeho yarangwaga n'irondakoko no gutoteza abanyeshuri cyangwa abandi batari abatutsi. Ibyo byatumye Minisitiri ushinzwe amashuri yisumbuye afata icyemezo cyo kumwaka ubuyobozi bwa ririya shuri.

Icyo cyemezo ariko nticyashimishije abatutsi barimo Padiri FURAHA uyobora paruwasi ya Nyanza. Abazi Padiri FURAHA batubwira ko kera akiri mu Nyakibanda yarangwaga no kwanga abahutu. Akabigaragaza mu mvugo ye. Aho agereye i Nyanza rero yakomeje uwo muco mubi maze aho kwigisha abakirisitu be gukundana, akigisha abatutsi kwanga abahutu. Ibyo bizwi n'abahutu b'i Nyanza ku mwana kugeza ku musaza bateye ingoro y'Imana umugongo kubera ubugome bw'uriya mututsi.

Nkuko bigaragara muri iyo nyandiko Padiri FURAHA yandikiye bagenzi be bahuje ubwoko, azi kandi ko badacira akari urutega icyitwa umuhutu, uwo mupadiri aracyatekereza ko abatutsi aribo bavukiye gutegeka. Ubu rero kariya gatsiko k'abapadiri batandatu bayobowe na FURAHA karara mu manama yo guteza imyigaragambyo muri ririya shuri ry'i Kibeho kugira ngo bakunde basubizeho uriya mututsikazi. Ubu ndiho nandika iyi nyandiko maze kumenya ko imyigaragambyo muri iryo shuri, abatutsi ngo biriwe baririmba ko icyo kigo nta wundi muyobozi bagishakamo utari umututsi. Abahutu nabo bati turambiwe agasuzuguro k'abatutsi. Abandi bantu bafite uruhare mu myigaragambyo ibera i Kibeho no mugutoteza abahutu ni: Padiri SEBERA J.M.V., MURERAMANZI Jérôme na MUNYANKINDI Céléstin abarimu bigisha muri iryo shuri ry'i Kibeho.

Abazi igifaransa nimwisomere iyo baruwa Padiri FURAHA Yusitini yandikiye bagenzi be abasaba gufatanya kugira ngo babone uko bashobora gukandamiza abahutu. Abakirisitu bigishwa na bariya padiri barabe maso ejo batazoshywa n'akarimi kanyereye ka ziriya nzoka.

*Butare, le 10 janvier 1992.*

*Monsieur l'Abbé Modeste MUNGWARAREBA,*
*Monsieur l'Abbé Callixte KABAYIZA*
*Monsieur l'Abbé Anaclet SEBAHINDE,*
*Monsieur l'Abbé Emmanuel UWAYEZU,*
*Monsieur l'Abbé Gabriel NKURANYABAHIZI,*
*Monsieur l'Abbé Appolon SENYENZI,*

*Bien cher,*

*Ne sois pas surpris par cette lettre, ni par son ton.*

*Ce qui s'est passé à Kibeho, le fait d'avoir enlevé la direction et son préfet des études, tout en pouvant être considéré comme un fait divers par certains, mais à moi, ce fait m'a causé beaucoup de peine. Je me suis renseigné sur les prétendus raisons de cette décision, je n'ai trouvé que peu de choses. Elles sont accusées de situations qu'elles m'ont jamais connues, ni d'autres responsables -comme certains professeurs - Il m'a semblé que c'est une occasion pour faire quelque chose, réfléchir ensemble sur une réaction auprès du Ministre de l'Enseignement Primaire et Secondaire. Auprès de Mgr KALIBUSHI responsable de l'Enseignement Catholique.? Auprès de notre Evêque.?*

*Peut-être qu'une réflexion doit être amorcée sur la question des Tutsi, la bête noire dans la politique nationale de ce pays ! Je vous demande une aide, une contribution quelconque, car comme chrétien et comme pasteur, je crois que nous devons montrer une attitude et tenir un langage conséquents à travers les temps que nous sommes entrain de vivre.*

*Je vous ai écrit à vous, parce que j'espère qu'à votre niveau vous pouvez me donner une réponse, et puis parce que nous avons déjà partagé beaucoup d'autres situations. Resterons-nous là comme des chiens muets ?*

*Je compte vous recontactez assez vite pour nous fixer une rencontre, si vous pensez que cela en vaut la peine.*

*Votre dévoué dans le Christ,*

*Abbé Justin FURAHA.*
*(sé).*

## BANYA RUHENGERI MURABE MASO

Niba mushaka ko Ruhengeri itazongera kuvogerwa n'ingegera izarizo zose, mukaba mushaka umuntu uzajya abavuganira buri gihe uzajya umenya ibibazo byanyu buri gihe; Nta wundi mugomba gutora uretse NZIRORERA Joseph kuko ari umugabo igihugu cyose cyemera kandi ubutwari bwe yabugaragaje kenshi.

- Gutora NZIRORERA mu rwego rwa M.R.N.D. ni ukwiteganyiriza iminsi izaza.

Tora — Utoreshe NZIRORERA J.

## MU BURUNDI HAVUTSE IRINDI SHYAKA RIHARANIRAKUNGA ABARUNDI BOSE.

Iryo shyaka ryitwa MDR riyobowe n'uwitwa: Jean Léopold utuye muri CANADA. Aho ribogamiye tuzahatangaza ubutaha. Abifuza ibindi bisobanuro mubaze Kangura.

MDR Ramba

PALIPEHUTU Tsinda

MPD Sugira.

UPRONA tanga imyanya

KA02 1617



*Colonel RWAGAFILITA Petero Selesitini ATI :*
***Abaturage bose bagomba kunganira Ingabo z'Igihugu mu guhashya umwanzi aho yava hose.***
***Nakomereze aho twese turamushyigikiye n'Ingabo zacu.***